ISHURI RITO RYA BIBILIYA

URUSHAKO N’UMURYANGO
(Igice cya 1)

IGITABO #6

Igitabo #7: umuryango n’urushako (Igice cya 2)

ISHURI RITO RYA BIBILIYA



IGITABO MPUZAMAHANGA CYA KARINDWI

URUSHAKO N’UMURYANGO: IGICE CYA 2

1

Icyiciro cya 1
Itegeko ry’Urushako n’Umuryango

Hashize imyaka myinshi muri Amerika hari umugabo imodoka ye yagize ikibazo atwaye maze ayihagarika iruhande rw’umuhanda. Maze umugabo wari wambaye neza cyane utwaye imodoka nziza

cyane aparika iruhande rw'uwo wari ufite imodoka yagize ikibazo. Ava mu modoka ye maze akingura muri moteri y'iyo modoka yapfuye. Imodoka yari yagize ikibazo yari imodoka y'ubwoko bwa Ford, ubwoko bw'imodoka bukomeye cyane muri Amerika. Wa mugab wari wambaye neza atangira gukanika moteri y'iyo modoka, maze imodoka irakira. Nyiri ya modoka yari yagize ikibazo abaza uwo mugabo umukanikiye imodoka ati, "Mbese ubu bwoko bw'imodoka urabusaobanukiwe cyane?" Maze nawe aramusubiza ati, "jye ndi Henry Ford. Nijye wakoze iyi modoka, kandi nijye nyiri kampane ikora izi modoka."

Nk'uko twumva ko Henry Ford agomba kutubwira uko twakemura ikibazo cy'imodoka akora, ni nako tugomba kumenya ko Imana yatubwira uko twakemura ikibazo kiri mu rushako rwacu cyangwa uko twarutunganya, kuko ari yo yaruremye. Iyi nyigisho y'amahame y'urushako n'umuryango ishingiye ku ijambo ry'Imana. Yemera ko ubwo Imana ari yo yaremye urushako n'umuryango, Imana niyo yatubwira uko twakemura ikibazo kiri mu rushako. Imana yatubwira urushako icyo ari cyo, intego cyangwa akamaro k'urushako ndetse n'umugambi wayo ku rushako n'umuryango.

Yesu Yigishije iki ku Rushako n'Umuryango?

Twebwe abigishwa ba Yesu iteka tugomba kujya dutangira inyigisho yacu tubaza tuti, "Ni iki Yesu yigishije kuri ibi bintu?" Igihe abayobozi b'amadini babazaga Yesu ibyerekeye urushako n'ubutane bwa burundu, yabasubirishije ikibazo kigira kiti, *"Ntimwari mwasoma yuko Iyabaremye mbere yaremye umugabo n'umugore?"* (Matayo 19:4) Hari ihame yarimo kuvuga rigira riti, "Niba ushaka kumenya urushako icyo ari cyo, ugomba gusubira mu itangiriro ugasoma ukamenya uko imana yagennye ko urushako rumera."

Umugambi cyangwa icyatumye Imana irema Urushako

Imana iravuga iti "Tureme umuntu agire ishusho yacu ase natwe, batware amafi yo mu nyanja, n'inyoni n'ibisiga byo mu kirere, n'amatungo n'isi yose, n'igikururuka hasi cyose. Imana irema umuntu ngo agire ishusho yayo, afite ishusho y'Imana ni ko yamuremye, umugabo n'umugore ni ko yabaremye. Imana ibaha umugisha, Imana irababwira iti "Mwororoke mugwire, mwuzure isi, mwimenyereze ibiyirimo, mutware amafi yo mu nyanja, n'inyoni n'ibisiga byo mu kirere, n'ibintu byose bifite ubugingo byigenza ku isi." (Itangiriro 1:26-28)

Mu nkuru yo kurema yose, Imana yarebye ibyo yaremye byose maze iravuga iti, "Ni byiza." Ariko iyo ugeze mu gice cya 2,

uhasanga aya magambo agira ati, "Ntabwo ari byiza." Ni iki kitari cyiza? Ntabwo byari byiza ko umugabo aba wenyine. *"Uwiteka Imana isinziriza uwo muntu ubuticura arasinzira, imukuramo urubavu rumwe ihasubiza inyama, urwo rubavu Uwiteka Imana yakuye muri uwo muntu, iruhindura umugore imushyira uwo muntu. Aravuga ati "Uyu ni igufwa ryo mu magufwa yanjye, Ni akara ko mu mara yanjye, Azitwa Umugore kuko yakuwe mu Mugabo. Ni cyo gituma umuntu azasiga se na nyina, akabana n'umugore we akaramata, bombi bakaba umubiri umwe."* (Itangiriro 2:21-24)

Imana ibona ko umugabo wenyine atuzuye. Amagambo y'Igiheburayo y'aya magambo avuga ngo, "Ngiye kumuremera umwuzuza." Iki ni cyo umufasha, cyangwa "umufasha umukwiriye," bivuze mu Giheburayo, ni "umwuzuza." Uhereye ku itangiriro, Imana yadusobanuriye inshingano z'urushako n'umuryango. Umugabo ntabwo aba yuzuye iyo adafite umugore. Umugore yagenewe kuzuza umugabo.

Inkuru y'irema isubirwamo mu gice cya 2, igasubirwamo n'inshuro ya gatatu mu Itangiriro 5:1-2, hashimangirwa ko Imana yaremye umuntu ari umugore n'umugabo. Itegereze ko mu Itangiriro 5, Imana itabita, "Ba Adamu," ahubwo ibita "Adamu." Ubwo ijambo "Adamu" risobanuye, "umuntu," ibi byigisha ko umugabo n'umugore bahurijwe mu Rushako Rwera ari umuntu umwe wuzuye. Ubu ni ubundi buryo bwo kuvuga ko ababiri bagenewe kuba umwe.

Abantu, Abafatanya Bikorwa, kandi Ababyeyi

Icyo tubona ubu mu Byanditswe ni itegeko ry'ubugingo. Twaryita "Itegeko ry'Urushako n'Umuryango." Kugira ngo uyu mugambi usohore, Imana igomba kugira ababyeyi babiri bakwiriye. Kugira ngo babe ababyeyi bakwiriye, bagomba kugira umubano ukwiriye cyangwa wuzuye. Kandi kugira ngo bagire umubano ukwiriye cyangwa wuzuye, bagomba kuba ari abantu bakwiriye cyangwa buzuye.

Ubwo yaremaga Adamu na Eva, umubano Imana yateguye ntabwo wagombaga kuba aho buri umwe anyunyuta ubuzima bw'undi. Nta n'ubwo gahunda y'Imana yari ko umwe aba umuntu undi akamera nk'igiheri, akanyunyuta ubuzima bw'undi. Umugambi wayo wari kandi n'ubu uracyari ko abantu babiri buri umwe yubaka ubuzima bwa mugenzi we kandi bubakana ubuzima nk'uko Imana yabigennye ubwo yaremaga umugabo n'umugore. Iri hame ni ukuri muri iki gihe nk'uko ryari ukuri muri cya gihe

cyo kurema.

Icyakora, uyu mugambi w'Imana urimo guterwa ibitero bikomeye cyane muri iki gihe. Urugero, gahunda yemerwa mu mubano w'umugabo n'umugore uyu munsi ivuga ko umugore agomba kwemeza ko angana n'umugabo abigaragarisha gukora ibikorwa n'umugabo byose. Bivugwa ko niba adafite inshingano zimwe ndetse n'imikorere imwe n'umugabo, ubwo ntabwo ahwanije agaciro n'umugabo.

Umugabo w'umunyagitugu akamamaza ko abagabo baruta abagore, maze abashyigikira uburenganzira bw'abagore bakamamaza ko abagore baruta abagabo, nkaho umubano w'umugabo n'umugore ugomba kugirwa na kimwe muri ibyo. Dushingiye ku nteguro y'Imana igaragarira muri Bibiliya, umubano w'umugabo n'umugore ugirwa na byombi kandi ni umubano w'ubumwe. Bombi baramutse bateye kimwe ijana ku ijana, umwe muri bo yaba adakenewe. Imana yaturemye ibishaka ko abagabo bagira umwihariko wabo n'abagore bakagira umwihariko wabo, kuko bombi buzuzanya. Imikorere y'isi itegurwa ku buryo itesha agaciro itandukaniro riba hagati y'igitsina gabo n'igitsina gore ituma inshingano n'imikorere y'umugabo n'umugore iba imwe ijana ku ijana. Ariko, hari ubwiza mu bwinshi ndetse n'umugambi mwiza mu buryo Imana yaremye umuntu ari umugabo n'umugore.

Bumwe mu buryo bwo gusobanura iri tegeko ry'urushako n'umuryango ni ukwitegereza iyi shusho ifite impande eshatu. Hasi habanza uhandike ijambo "abantu," hagati uhandike "abafatanya bikorwa," maze hejuru uhandike "Ababyeyi."



Kugira ngo ukore iyi shusho ifite impande eshatu, ntabwo wahera hejuru. Ni nakobimeze, ntabwo ari integuro y'Imana kubaka urugo rugizwe n'ababyeyi babiri bakwiriye ariko badafite umubano ndetse n'ubufatanye bwatanzwe n'Imana.

Icyiyongeyeho, ntabwo ari integuro y'Imana ko tugira hagati tudafite hasi. Urufatiro rw'ubufatanye rutuma haba ababyeyi beza ni ishingiro. Nk'uko ibyo ari ukuri, ni nako, igice cy'ingenzi cy'urushako ni abantu babiri bagize urwo rushako.

Ahantu Haherwa

Muri buri rushako habamo ibibazo bw'ubwoko bune. Mu rushako rwa Yohana na Mariya, ikibazo cya mbere ni Yohana. Ikibazo cya kabiri ni Mariya. Ikibazo cya gatatu ni Yohana na Mariya n'ibibazo byabo byose byo kudahwana. Abana ba Yohana na Mariya nibo kibazo cya kane cy'urushako rwabo.

Niba Yohana afite ibibazo mirongo itanu, na Mariya akaba afite ibibazo mirongo itanu, urushako rwabo rufite ibibazo ijana na mbere y'uko batangira gukemura ibibazo bafite nka Yohana na Mariya. Yohana nafata umwanzuro wo gutunganya urushako rwe, agomba guhera ku kibazo cya mbere- we bwite. Mariya agomba guhera ku kibazo cya kabiri-we bwite. Iyo udashoboye kwemera cyangwa kubyakira ko nawe ubwawe uri ikibazo, nta mujyanama w'urushako ku isi hose wagufasha mu rushako rwawe. Ariko nukemura ibibazo byo mu buzima bwawe, uzaba ukemuye ibibazo byinshi byo mu mubano wanyu.

Reka mbabwire inkuru isobanura ibi mvuze: Hari umugabo wagiye kureba muganga we w'indwara zo mu mutwe yitwaje ishu n'amagi abiri abyikoreye ku mutwe we, n'agace k'inyama y'ingurube kuri buri gutwi kwe. Muganga aramwakira ndetse amuha icyicaro. Uwo mugabo yicara yitonze cyane kugira ngo amagi atagwa akameneka. Muganga aramubaza ati, "Mbese urashaka ko tubiganiraho?" Undi ati, "Yego muganga, ndashaka kukuganiriza kuri mwene data. Mwene data afite ibibazo bikomeye."

Abashumba n'abajyanama b'inshako bahura n'abantu bateye batyo buri munsi, abantu batemera ko bishoboka ko hari ubwo baba ari bo kibazo cyangwa bafite uruhare mu kibazo. Nk'uko Yesu yavuze ati, *"Ni iki gituma ubona agatotsi kari mu jisho rya mwene so, ariko ntiwite ku mugogo uri mu jisho ryawe?"* (Matayo 7:3) Abantu bakunda gucira abandi imanza cyane ni impuguke cyane kubyerekeye ibi abandi bakoze, cyane cyane mu mago no mu nshako zabo. Barenganya abandi bose kandi ntabwo bijya bibaho ko bemera ko baba bafite uruhare mu kibazo nubwo byaba bigaragarira buri wese ko ari bo bafite uruhare runini mu kibazo gihari.

Ubujyanama bw'urushako bukomeye cyane ku isi hose buri muri Bibiliya. Muri aka gatabo, tuzarebera hamwe zimwe mu nama

z'urushako Bibiliya itanga. Tubikora, hari ibintu ndetse n'amahame tuzatahura. Kimwe muri ibyo bintu ni iki: Igihe cyose iyo Bibiliya ivuga urushako, itandukanya abashakanye, ikabagaragaza umuntu ku giti cye. Hanyuma ikababwira iyi nshingano. Iyo ibikoze, ibwira umugabo inshingano ze mu rushako izo ari zo. Iyo ibwira umugore, Bibiliya imubwira ibyerekeye inshingano ze mu rushako.

Urugero, 1 Petero 3 hatangira habwira abagore, cyane cyane abagore abagabo babo batubaha ijambo ry'Imana. Imirongo itandatu ikurikiraho, Petero nta kintu abwira cyangwa avuga ku mugabo. Ahubwo abwira abagore ibintu bitandukanye, birimo kwera, imyambarire, no kuganduka. Arimo kubwira abagore guhera ku kibazo cya kabiri. Bagomba gusaba Imana ikabagira icyo ari cyo cyose ishaka ko baba ndetse bakora mu nshako zabo.

Hanyuma Petero akabwira abagabo ibyerekeye n'ikibazo cya mbere. Igihe cyose Bibiliya ivuga ibintu uko biri ndetse no mu buryo bw'ishyira mu ngiro. Ibyanditswe bikanabwira abana inshingano zabo ku babyeyi n'ibyo ababyeyi babakeneyeho. Bibiliya ivuga ukuri iyo ibikoze kuko; umuntu wenyine wahindura ni umuntu ushinzwe, ariwe wowe.

Abashakanye bibafata igihe kirekire kugira ngo bamenye ibi bintu, ariko nyuma ya byo byose uzamenya maze uvuge uti, "Ntabwo nahindura umufasha cyangwa umutware wange." Ni koko ntabwo wabishobora. Nugera imbere y'intebe y'Imana y'urubanza, ntabwo uzasubiriza uwo mwashakanye. Ntabwo uzabazwa ibye. Ahubwo uzabazwa iby'umuntu umwe ushinzwe. Uzabazwa ibyawe. Waba ubaye umunyabwenge uramutse utangiye kwitegurira uko kuzabazwa ubu nonaha wita ku muntu wenyine wagenga mu rushako rwawe.

Hari inshuro nyinshi mu bujyanama bw'umugabo n'umugore we umushumba adashobora guhura n'umugabo n'umugore we icya rimwe kuko aho kubagira inama, usanga yabaye umusifuzi w'imirwano yabo. Bikaba byiza ahuye na umwe mbere agahura n'undi nyuma, umwe kuri umwe. Nyuma yo gufasha buri umwe gukemura ikibazo cye, akaba ari bwo atangira kureba ku bibazo biri mu mubano wabo ndetse n'ibibazo byo kudahuza kwabo. Iyo abo bantu batari abakristo bafitanye umubano na Yesu Kristo, icyo umushumab agomba kubanza gukora ni ukuyobora uwo mugabo n'umugore mu gakiza n'umubano n'Imana muri Kristo. Ubujyanama bw'urushako bwaba igikoresho cyiza cyane cy'ivugabutumwa cyakoreshwa n'umushumba cyangwa umujyanama.

Umugabo w'umugore yabwiwe n'umushumba we ati, "Urushako ntabwo ari umushinga aho bombi basangiye mirongo itatnu kuri mirongo itanu, nta nubwo ari ijana ku ijana kuri buri umwe. Urushako ni abantu babiri, bihaye Imana ari ijana ku ijana." Maze uwo mugabo asubira mu rugo abwira umugore we ati, "Umushumba yavuze ko, 'Urushako ari ijana ku busa. Ni jyewe ijana maze wowe ukaba ubusa."' Hari abantu bigora cyane kwemera ukuri gukomeye ko "abantu" ari bo rufatiro rwa mpande eshatu. Aha niho ibibazo byo mu bashakanye bihera kandi niho ibisubizo by'urushako bigomba guhera. Iyo bemeye uko kuri, nyuma bagomba kumenya ko umuntu wenyine baheraho ari umuntu bagira icyo bahinduraho, bagomba kwiheraho ubwabo.

Urushako icyo ari cyo Ku Mana

Nuza muri iyi nyigisho y'urushako n'umuryango ubaza uti, "Ni iki ndimbwungukemo?" Igisubizo ni uko hari byinshi uribwungukemo. Nyuma y'agakiza, urugo rwiza cyangwa rwishimye ni cyo kintu cyiza cyane mu isi yose. Ariko niba ushaka kumenya icyo Bibiliya yigisha kuri iyi ngingo y'urushako n'umuryango, ugomba kubaza uti, "Imana irungukamo iki?" Urushako ni iki kuri yo? Kuki yaremye urushako? Kuki yaturemye turi igitsina gabo n'igitsina gore?Igisubizo ni uko Imana yashakaga ko isi yuzuramo abantu beza.

Zaburi 128 ni bumwe mu buryo bukomeye cyane kandi busobanutse neza bw'uyu mugambi w'Imana. *"Indirimbo y'Amazamuka. Hahirwa uwubaha Uwiteka wese, Akagenda mu nzira ze. Kuko uzatungwa n'imirimo y'amaboko yawe, Uzajya wishima, uzahirwa."* (1-2) Abantu benshi bakunda gushyira akabago nyuma y'ijambo rya kane ry'umurongo wa mbere, rigira riti, "Hahirwa uwubaha Uwiteka wese." Muri iki gihe abantu benshi babwiriza ngo ubwo Imana ari Imana ikunda, abantu bose barahirwa. Ariko ibyanditswe ntabwo aribyo byigisha. Iyi ni imwe muri zaburi "z'umuntu uhirwa", igingo iri muri gitabo cya Zaburi. Izi zaburi zigisha ko imigsha y'umuntu uhirwa atari impanuka. Ahubwo ni ingaruka yo kwizera no kumvira Imana.

Ishimangira ndetse n'intego y'uyu muntu uhirwa ni ukugaragaza uko Imana ikoresha umuntu uhirwa, uko umuntu uhirwa agira uruhare mu mugambi mugari w'Imana. Umwanditsi wa Zaburi akomezamo akavuga ati, *"Umugore wawe azaba nk'umuzabibu wera cyane mu kirambi cy'inzu yawe, Abana bawe bazaba nk'uduti twa elayo, Bagose ameza yawe…Uwiteka azaguha umugisha uva i Siyoni, Nawe uzabona ibyiza biza kuri*

*Yerusalemu, Iminsi yose ukiriho. Ni koko uzabona abuzukuru bawe. Amahoro abe mu Bisirayeli."(*128:3,5-6)

Ibi bigaragaza uko Imana ikora mu isi. Ikorera mu itegeko ry'urushako n'umuryango. Ishaka umuntu wayizera akagendera mu nzira zayo, maze igaha umugisha uwo muntu. Iyo ihaye umufasha cyangwa umugabo uwo muntu maze ikamwuzuza, imugira umubyeyi. Igituruka muri abo bantu bombi babaye umugabo n'umugore, babyara umuryango. Abana babo bamarana nabo imyaka igera nko kuri makumyabiri, babarera ndetse babategura kugira ngo bajye mu buzima. Uyu muryango nawo ukaba Siyoni (ubwoko bwo mu Isezerano rya Kera bwubahaga Imana), kugira ngo bahindura umurwa wabo (Yerusalemu), igihugu cyabo (Isirayeli), ndetse n'isi yose.

Ijambo Siyoni ryo mu Isezerano rya Kera ni kimwe n'ijambo itorero ryo mu Isezerano Rishya. Mbese Imana ikora ite mu isi? Abayoboke ba Kristo bakunda gutekereza Imana ikorera mu ndetse ikoresha itorero mbere y'ibindi byose. Imana na Kristo bakorera mu itorero, ariko itorero rigirwa n'imiryango itandukanye. Umuryango niwo ubuzima bw'isi yose buheraho. Imana ikoresha umuryango guhindura Siyoni (Itorero). Iyo imiryango ihuye cyangwa iteranye ikaba ubwoko bw'abubaha Imana, bahindura umurwa n'igihugu ndetse n'isi yose. Iyo ibintu bitameze neza mu isi, iyo bitameze neza mu gihugu, iyo bitameze neza mu murwa, ni hehe haba hari ikibazo kandi ni hehe uhera utanga igisubizo cyangwa ukemura ibyo bibazo? Ushakira ndetse ugakemura ikibazo mu miryango. (Zaburi 68:6)

Cyera hari ikinyamakuru cyanditse ku kibazo cy'abana n'ibyaha. Abahanga batandukanye banditse icyo kinyamakuru bagaragaje ibintu bitandukanye. Mbese byaba ari ikosa rya leta? Ryaba ari ikosa ry'uburezi? Cyangwa ikibazo ni umuco? Hari na bamwe mu banditsi bibajije ku ruhare ry'itorero, amasinagogi ndetse n'imisigiti. Ibi bigo cyangwa iyi miryango hari ubwo yaba idakora cyangwa idakora neza ibyo ishinzwe gukora. Ariko abantu bose bagize uruhare mu iyandikwa ry'iki kinyamakuru bahurije kuri uyu mwanzuro: Umuryango niwo kibazo.

Inshingano z'Umugabo

Dushingiye ku itegeko rya Bibiliya ry'urushako n'umuryango, ishingano ihera ku mugabo. Mvuga ibibazo by'urushako n'umuryango uyu munsi, nemera ko ikibazo gikomeye cyane ari abagabo batajya bemera inshingano yo kuba icyo Imana ishaka ko baba, kuba umutwe w'umuryango, umutambyi w'urugo.

Dishingiye kuri Zaburi 128, tubona ko umugisha w'Imana muri iyi si uza iyo umuntu cyangwa umugabo yizeye Imana kandi akagendera mu nzira zayo. Iyo umugabo yubashye Imana kandi akagendera mu nzira zayo, Imana iba ibonye urufatiro yakubakaho mpande eshatu y'umuryango. Ubwo nibwo yashyira mu bikorwa itegeko ry'umuryango n'urushako kuko ibonye umuntu cyangwa umugabo uhirwa. Ubwo nibwo Imana ihuza cyangwa isezeranya uwo mugabo uhirwa n'umugore uhirwa maze bakabyara abana bahirwa. Ubwo nibwo Imana ihindura urugo, itorero, umurwa, igihugu, ndetse n'isi. Byose bihera ku mugabo uhirwa cyangwa uhiriwe.

Gusenyuka k'urushako n'umuryango muri iki gihe bimaze gutuma habaho urubyiruko rutagira intangarugero bakwigiraho. Nakubwira abagabo benshi cyane bamaze kunsaba kubabera se kuko batigeze bagira se. Hari umusore munini warebanaga agasuzuguro wigeze kunsaba ko tuganira maze arambwira ati, "Ntabwo nshaka kubyara mbere yuko menya uko naba umubyeyi cyangwa uko narera abana. Mbese wamfasha ukandera kumara igihe runaka?"

Abashaka kurushinga bajya baza mu bujyanama bw'urushako maze bakambwira bati, "Turumva dufite ubwoba, ntabwo tuzi uko tuzagira urushako rwiza. Hari inshako nyinshi zisoreza mu butane bwa burundu, kandi twabera nta nubwo twari twigera tubona urushako rwiza. Ababyeyi bacu baratanye kandi ntabwo tuzi uko urushako n'umuryango wa gikristo usa. Ni iki cyatwemeza ko twagira urushako ndetse n'umuryango mwiza?

None se wubaka ute ndetse ugira ute urugo rwiza? Salomo wari umunyabwenge cyane mu babayeho mu gihe cye akoresha amwe mu magambo akunda cyane iyo yandika muri Zabri 127:1-2, ati, "*Uwiteka iyo atari we wubaka inzu, Abayubaka baba baruhira ubusa. Uwiteka iyo atari we urinda umudugudu, Umurinzi abera maso ubusa. Bibaruhiriza ubusa kuzinduka kare, Mugatinda cyane kuruhuka, Mukarya umutsima w'umuruho. Ni ko aha uwo akunda ibitotsi."*

Iyi mirongo ibiri ni amagambo ya nyuma y'ubwenge yavuzwe na Salomo ari hafi kwitaba Imana. Iyi zaburi ni impine y'ikibwiriza cye gikomeye cyitwa, "Umubwiriza." Ijambo akunda cyane muri izi ncamake z'inkuru ye n'Imana ni ijambo "ubusa."

Salomo yari umuntu wakundaga cyane kandi wari waratwawe n'akazi, nyamara atubwira hano ko bishoboka ko wakorera ubusa. Agomba kuba yari ahangayikishijwe n'ibintu byinshi, ariko hano

atubwira ko tuzindurwa n'ubusa, turyama dutinze ndetse tukarya ibyo twahangayikiye. Arongera akatubwira ko bishoboka kubakira ubusa. Salomo yari umwubatsi ukomeye. Ntabwo yubatse ingoro gusa, ahubwo yubatse n'imirwa cyangwa imigi, ubusitani, ibiraro, n'ibindi. Hari n'igihe yubatse amato menshi kugira ngo ayagenderemo ajye kuramutsa no gusura umwamikazi. Ntabwo yajyaga arangiza kubaka. Birashoboka ko wahangayikira ubusa kuko waba uhangayikishijwe n'ibintu bidakwiriye cyangwa by'imbura mumaro. Birashoboka kubakira ubusa kuko wubatse ibitari byo.

Salomo arangije, atangira kuvuga ku bana. Mbese ibyo yabanje kuvuga bifitanye sano ki n'abana? Bifitanye isano nini cyane. Salomo yasobanukiwe ko yubatse ibintu byinshi uretse ubuzima bw'abana bwe. Maze hano uyu mwami w'umunyabwenge aravuga ati, *"Abana ni umwandu uturuka ku Uwiteka, mbuto z'inda ni zo ngororano atanga. Nk'uko imyambi yo mu ntoki z'intwari iri, Ni ko abana bo mu busore bamera. Hahirwa ufite ikirimba kibuzuye, Abameze batyo ntibazakorwa n'isoni, Uko bazavuganira n'abanzi babo mu marembo*." (3-5)

Iyi zaburi ni ubutumwa bukomeye buhabanye n'itegeko ry'urushako n'umuryango. Salomo arimo kuvuga ati, "Ntimukore ibyo nakoze kuko nakoreye ubusa, nubakiye ubusa kandi nahangayikishijwe n'ubusa. Icyo mugomba kwitaho ni abana banyu." Asoza iyi zaburi n'urugero rukomeye cyane aho atubwira ko ababyeyi babera abana babo icyo umuheto ubera imyambi y'intwari ikomeye cyane. Imbaraga n'icyerekezo imyambi igendana ivuye mu muheto biterwa n'imbaraga n'icyerekezo bivanye mu muheto.

Abana bacu nibo myambi maze twebwe ababyeyi tukaba umuheto aho baraswa baturuka bajya mu isi. Iyo tumenye inshingano n'ingorabahizi ibi biduha, tugomba gusubira mu mirongo ibiri itangira iyi zaburi maze tukibutswa ya magambo avuga ko tutakubaka umuryango atari Uwiteka wubatse.

Urundi rugero rwiza rusobanura uku kuri ko tudashobora, ariko Imana ishoboye kubaka urushako n'umuryango. Dushingiye ku byavuzwe na Salomo, tubona ko Imana iha ibitotsi uwo ikunda. Iyo tubaye maso tukageragеza gufasha Imana gushyira intege mu bugingo bwacu, Imana ntabwo yadusubizamo intege. Ariko iyo twiyambuye inshingano maze tukaryama, icyo gihe Imana ifata inshingano maze ikaruhura imibiri yacu irushye, ibitekerezo byacu birushye, amarangamutima yacu arushye, n'umwuka urushye.

Urushako Rwiza

Nk'uko mpande eshatu yacu ibigaragaza, kuba ababyeyi beza biterwa n'abantu babiri bafitanye umubano wahujwe n'Imana. Kugira ngo urushako rukomeze gukomera, bigafasha ababyeyi kurera neza abana babo, Imana igomba hagati y'urwo rushako. Ntabwo twasohoza inshingano zacu nk'abashakanye ndetse nk'ababyeyi tudafashijwe n'Imana.

Ibi bigaragara neza muri Matayo 19, aho Yesu yabazwaga ikibazo cyerekeye ku rushako n'ubutane bwa burundu. Yemeye ko Mose yemeye ko ubutane bubaho, ariko yabikoreye kurinda abagore batabwaga hanze n'abagabo babo. Muri icyo gihe abagore nta burenganzira bagiraga. Nta cyabarengeraga bari bafite. Noneho abitewe no kugrira abagore impuhwe, Mose yahaye Abisirayeli uruhushya cyangwa uburenganzira bwo gutana burundu, ariko dushingiye kuri Yesu, tubona ko butari ubushake bw'Imana. Umugambi w'Imana cyangwa ubushake bw'imana uhereye na mbere ni uko ari nta butane bugomba kubaho. Hanyuma umwe mu ntumwa, ntekereza ko ari Petero aravuga ati, *"Abigishwa be baramubwira bati, iby'umugabo n'umugore we niba bigenda bityo, noneho kurongora si byiza."* (Matayo 19:10)

Yesu yaramusubije ati, *"Abantu bose ntibabasha kwemera iryo jambo, keretse ababihawe."* (11), bivuze abo bonyine bamurikirwa kandi bagafashwa gusobanukirwa ndetse no gushyira mu bikorwa uku kuri n'Umwuka Wera. Yesu yarimo kuvuga ko udashobora umugabo cyangwa umugore ukwiriye. Salomon a Yesu barimo kutubwira ko tudafashijwe n'Imana, tutashobora kubaka ingo zacu. Tuba turuhira ubusa iyo tudafashijwe nayo. Ntabwo twaba ababyeyi bakwiriye tudafashijwe n'Imana, kandi ntabwo twaba abashakanye bakwiriye tudafashijwe n'Imana. Ibyanditswe byose bitugaragariza ko tutashobora kuba abantu bakwiriye tudashobojwe n'Imana. Dushingiye kubyavuzwe na Yesu, tubona ko ikibyarwa n'umubiri cyose na cyo ni umubiri. (Yohana 3:6) Umubiri ni kamere ya muntu idafashijwe n'Imana. Yesu kandi yanatubwiye ko, tutamufite nta cyo twakora. (Yohana 15:5)

Niba ushaka kugira urushako rwubaha Imana, urushako rwaremwe n'Imana, urushako rwatangiwe n'Imana, urushako rurindwa n'Imana, urushako rusohoza imigambi y'Imana, senga iri sengesho:

"Data wo mu ijuru unkunda, ha umugisha uru rugo. Ha umugisha w'umucyo wo kubaho kwawe urugo rwacu. Umubano ugira iyi nzu urugo ndagusaba ngo uwukomereshe urukundo rw'Umwuka wawe. Dukize kugira ngo dushobore kugira ubufatanye n'umubano wuzuye, kandi tube ababyeyi bafite ubwenge kandi bakunda. Twereke uko twabona ubuntu bwawe buri munsi n'igihe cyose. Turasenga ngo ikintu cyose dukorera muri iyi nzu gikorerwe muri Kristo, gikorwe na Kristo, kandi gikorwe kubwa

Kristo.

Turasenga kugira ngo dukomezwe kandi turindwe n'umucyo, ubugingo, n'urukundo rwa Kristo muzima, kugira ngo tube abahamya ba Kristo nitwinjira, nidusohoka, ndetse cyane cyane tubana muri iyi nzu. Turagusaba ngo uru rugo urugire ikimenyetso cy'ibyiringiro biganisha ku waremye uru rugo mu ijambo rye, warushyirishijeho Umwuka we, kandi ururindisha ubuntu bwe.

Icyiciro Cya 2
Urushako Rwemerwa n'Imana

Hari icyanditswe mu bitabo by'ubutumwa bwiza aho dusanga inyigisho ya Yesu yigisha ku rushako n'ubutane. Nari navuze iki cyanditswe ariko ubu ngiye kugisubiraho kuko kigaragaza Yesu avuga ibya Mose kandi aduha ibisubizo byo mu Isezerano rya Kera no mu Isezerano Rishya by'iki kibazo, kigira kiti, "Urushako rwemerwa n'Imana ni uruhe?"

Hari Abafarisayo bamusanze aho yari ari kugira kugira ngo bamugerageze. Baramubajije bati, *"Mbese amategeko yemera ko umuntu asenda umugore we amuhora ikintu cyose. Nawe arabasubiza ati, ntimwari mwasoma yuko Iyabaremye mbere yaremye umugabo n'umugore, ikababwira iti, ni cyo gituma umuntu azasiga se na nyina akabana n'umugore we akaramata, bombi bakaba umubiri umwe? Bituma batakiri babiri, ahubwo babaye umubiri umwe. Nuko icyo Imana yateranyije hamwe, umuntu ntakagitandukanye." (19:3-6) Baramubaza bati, niba ari uko, ni iki cyatumye Mose ategeka ko umugabo aha umugore urwandiko rwo kumusenda, abone uko yamwirukana? Arabasubiza ati, Mose yabemereye gusenda abagore banyu kuko imitima yanyu inangiye, ariko uhereye mbere hose ntibyari bimeze bityo. Ariko ndababwira yuko umuntu wese uzasenda umugore we atamuhora gusambana, akarongora undi azaba asambanye. Kandi ucyura uwasenzwe na we aba asambanye."*

Maze abigishwa ba Yesu baramubwira bati, "*Iby'umugabo n'umugore we niba bigenda bityo, noneho kurongora si byiza!" Maze Yesu araBAbwira ati, abantu bose ntibabasha kwemera iryo jambo, keretse ababihawe." (11)*

Urushako ni umubano Wagenwe

Kimwe mu bintu birindwi biranga uyu mubano, nk'uko nabivuze mu cyiciro cya 1 ni uko uyu mubano uba hagati y'umugabo n'umugore wagenwe. Mu gice cy'irema cyo muri Bibiliya, tubona umuremyi ahuza umugabo n'umugore bakaba "umwe." Yesu

yasobanuye urushako Imana yemera ubwo yavugaga ati, "Icyo Imana yateranyije hamwe, umuntu ntakagitandukanye." Urushako ruba urushako rwemerwa n'Imana iyo dushoboye kuvuga ko Uwiteka ari we wahuje cyangwa washyingiye umugabo n'umugore. Kuyoborwa n'Imana bigomba kuba ari byo bishingirwaho umuntu afata icyemezo cyo gushaka.

Urushako ruba urushako rwagenwe kuko Imana ari yo yarutangiye ubwo yarusobanuraga mu ijambo rya yo. Imana yahuje abo bantu babiri ubwo yabagiraga umwe, kandi Yesu atubwira ko Imana yonyine yarinda uyu mugabo n'umugore bagakomeza kubana.

Kuko buri muntu, umugabo n'umugore azana ibibazo bye mu rushako, ikibazo ni ukwibona mu nshako zacu- inshingano, imirimo, tugomba gukora. Tugomba kureba uruhare tugomba kugira mu rushako maze tukibaza niba turimo cyangwa tutarimo gukora inshingano yacu. Nyamara, tugomba kwemera kubazwa cyangwa uruhare rwacu mu bibazo tuzana mu rushako.

Urushako ni umubano Uhoraho

Tubona mu nyigisho ya Yesu yo muri Matayo 19, ko urushako air umubano uhoraho. Kuki urushako rugomba kuba umubano uhoraho? Igisubizo cyashyirwa muri aya magambo: uburenganzira bw'abana.

Uribuka urugero rw'urushako Salomo yaduhaye muri Zaburi 127? Ababyeyi babera abana icyo umuheto ubera imyambi. Imbaraga n'icyerekezo abana binjirana mu buzima biterwa n'umuheto barasiwemo. Uramutse uri Satani ugashaka gusenya umuryango, wabigenza ute? Mbese ntiwaca umugwegwe w'uwo muheto? Mbese ntiwakwifuza kuvuna uwo muheto? Icy ni cyo Satani arimo gukora.

Mbese guhuga n'akazi kenshi byishe bite imiryango, uko ni uguca umugwewe wok u muheto.

Itegeko ry'ubugingo Imana yageneye urushako n'umuryango ni rimwe mu mategeko y'Imana ya cyera cyane kandi akomeye cyane ari muri Bibiliya kuko rirema urugo ruha abana imyaka igera kuri makumyabiri mbere yuko bashoka bakajya kwibana no guhangana n'ubuzima ubwabo. Bakeneye uko kurerwa no kurindwa cyangwa umutekano. Iyo uciye umugwegwe wo kuri uwo muheto, iyo urushako rusenyutse, uba uvukije abana kurerwa, umutekano, n'icyerekezo Imana yagennye ubwo yashyiragaho itegeko ry'urushako n'umuryango mu bice bibiri

bya mbere byo muri Bibiliya.

Iki ni kimwe mu bibazo bikomeye cyane abana b'iki gihe bafite. Umujyanama w'imyaka mirongo irindwi n'umunani umaze kugira inama urubyiruko igihe kirekire cyane yaravuze ati, "Ni ubwa mbere mu murimo wanjye w'ubujyanama, ikibazo gikomeye cyane mbazwa n'urubyiruko ari, "Ni gute nagumana n'inshuti zanjye?"

Iki ni cyo cyatumye Yesu avuga ko urushako rugomba kuba umubano uhoraho. Umutekano abana bawe babona bitewe n'umutekano uri mu rushako rwawe, kandi ibyo barabimenya neza. Niba ushaka kubona ubwoba mu maso y'abana bawe, ujye ubareba igihe urimo gutongana n'uwo mwashakanye. Iyo babonye se na nyina batongana cyangwa barwana, bumva nta mutekano bafite. Ku rundi ruhande, niba ushaka kubona ibyishimo cyangwa umunezero ku maso y'abana bawe, garagaza urukundo; soma uwo mwashakanye abana babibona. Hari ubwo baguseka uramutse ubikoze, ariko ntibizakubuze. Barabikunda! Iyo babonye ibikorwa by'urukundo no kwitanaho, baba babona ko urushako rwanyu rumeze neza, kandi bituma batekana muri bo.

Hari ubwo umuntu akizwa amaze gushaka n'umuntu wa kabiri cyangwa gatatu. Agakizwa yarashatse undi muntu kandi afite abana yabyaranye n'abo yari yarashakanye nabo mbere. Mbese inyigisho ya Yesu y'urushako n'ubutane ibavugaho iki?

Igihe cyose Yesu yanyuzaga amategeko y'Imana mu ndorerwamo y'urukundo rw'Imana mbere yuko ayashyira mu bikorwa mu buzima bw'abantu. Itandukaniro ryari kuri we n'abanyamategeko bo mu gihe cye ni uko atibagirwaga ko amategeko y'Imana yaturutse mu mutima w'Imana ukunda abantu. Intego y'amategeko y'Imana mu byanditswe ni ukugaragariza umuntu urukundo rw'Imana. Imana ishaka ko turubona mu buryo bwiza cyane bushoboka. Ni cyo cyatumye iduha ijambo ryayo ryera. Ntabwo yashakaga kumenya uko yatuma turakara adushyiriraho amategeko. Irashaka ko twishima. Igihe cyose haba intego ya buri tegeko ry'Imana riri mu byanditswe, kandi iyo ntego ni imibereho myiza y'umuntu kuko Imana ikunda umuntu.

Abafarisayo, abanyadini, ntabwo bari bazi uwo mwuka w'amategeko. Bishimiraga gufata abantu babaga bakosheje cyangwa bice agace kamwe k'itegeko. Ariko Yesu ntabwo yirengagije cyangwa yabuze kumenya umugambi wa Dtaa ubwo yigishaga cyangwa yatangaga amategeko yatanzwe na Mose.

Yesu yakomezaga kuvuga ati, "Ni iki cyatumye Imana itanga iri tegeko? Ni gute iri tegeko rigaragaza urukundo Imana ifitiye umuntu ndetse n'imibereho myiza y'umuntu?"

Urugero, intego y'itegeko ry'urushako n'umuryango ni ukugira ngo tugire urugo rwishimye kandi rushingiye kuri Kristo. Dusoma mu nkuru y'irema ko atari byiza ko umuntu aba wenyine n'icyatumye Imana ishyira abigunze mu miryango. (Zaburi 68:6) Ntabwo ishaka ko tuba twenyine. (Kugira ngo urusheho kumenya, wasoma icyiciro cya 6 cy'iki gitabo).

Urushako ni Umubano Uheza

Dushingiye ku byavuzwe na Yesu na Mose, tubona ko urushako rutagomba umubano wagenwe kandi uhoraho gusa, ahubwo ugomba no umubano w'urwego rwo hejuru. Ubumwe bw'umugore n'umugabo ni uw'urwego rwo hejuru mu buryo bubiri. Mose yaranditse ati: "ni cyo gituma umuntu azasiga se na nyina" Yesu yemeye ibyavuzwe na Mose ubwo yavugaga ku rushako n'ubutane (Matayo19:5) Urushako ntabwo rugirwa n'ababyeyi b'abashakanye. Ibi ntabwo bishatse kuvuga ko utagirana umubano mwiza n'abayeyi bawe nyuma yo gushaka. Ariko bishatse kuvuga ko utazongera kuba mu rugo rwabo ukundi. Kandi niba uri umugore, so ntabwo akiri we mutwe wawe wo mu mwuka; umutware wawe niwe mutwe wawe.

Urushako rufite umwihariko. Yesu yaravuze ngo urushako rumeze nk'amasezerano aba hagati y'umugabo n'umugore. Ikintu cy'ingenzi ayo masezerano ashingiraho ni umwihariko. Iyo umwihariko utatiriwe, amasezerano y'urushako ahinduka ubusa kandi atakaza agaciro. Ntabwo ari ko bigomba kumera ariko biraba. Imana ntabwo yaremye urushako kuburyo umuntu yabana n'uwo bashakanye ariko ntabane nawe wenyine. Imana ntabwo igusaba kubigenza utyo. Niba uwo mwashakanye atabana nawe wenyine muri uyu mubano, dushingiye ku byavuzwe na Yesu, ubwo amasezerano wayasesa agatakaza gaciro, kuko urushako ari umubano aho umuntu abana n'uwo bashakanye wenyine agaheza abandi bose.

Hari umugabo waje ku ndeba umunsi umwe, uwo mugabo yakoraga mu i hoteli yari hafi y'inyanja, bugufi bw'aho nari umushumba. Yari yarabonye umukobwa mu mpeshyi maze aramukunda cyane. Bagiranye imibonano mpuzabitsina muri icyo gihe cy'impeshyi cyose. Igihe cy'impeshyi gishize, umukobwa asubira ku ishuri, ariko akajya agaruka akamusura muri wikendi uko ashoboye. Maze wikendi imwe ntiyaza kumusura.

Aramuhamagara kuri telephone aramubwira ati natbwo nzongera kugaruka kugusura.

Uwo mugabo yicaye mu biro byanjye maze ararira cyane nkaho umutima we wamenetse. Ni byo koko yari yakomeretse. Nyuma, aza kumbwira ati, "Umubano nk'uyu aho ibyiyumviro biba ari byinshi kandi wumva ukunze cyane, ugomba kuzana n'uburinzi." Ararira, avuga ko adashaka gushyira ibyiyumviro bye n'amarangamutima ye mu kintu kidatekanye, ikintu gisozwa no kwandikirwa akandiko gatoya kagacishwa munsi y'urugi cyangwa ubutumwa bwa telephone cyangwa gusezererwa kuri telephone, cyangwa no kutandikirwa no kudahamagarwa. Yari yiteguye neza kumva ko umubano w'urushako wavuzwe na Mose ndetse na Yesu wagaragaje ibyo bintu yarimo kuvuga.

Imana ntabwo ishaka ko ubura umutekano mu mubano ukomeye cyane nk'urushako. Ni cyo cyatumye Yesu na Mose bagira "guheza" kimwe mu byitonderwa cyangwa byangombwa by'amasezerano y'urushako.

Icyiciro cya 3
Imigwegwe Irindwi y'Ubumwe

Umukristo w'Umunyafurika yabaje ikintu kigaragaza neza umubano Imana yagennye ubwo yaremaga umuryango wa mbere maze ikavuga ko babaye "umubiri umwe." Uyu mukristo w'umunyabukorikori abaza icyo kintu, yarimo gusobanura no kugaragaza uburyo burindwi umugabo n'umugore we bagomba kuba umubiri umwe.

Ikibazwa cye cyari umugabo n'umugore babajwe mu giti kimwe. Bari bahujwe n'umugozi ugizwe n'imigwegwe itanu y'inyabubiri. Uyu mugozi w'inyabubiri ubahuza uhuzwa n'undi mugozi buri umwe afite ku mutwe we. Iyo migozi yombi, buri umwe uhagarariye urwego rw'ubumwe Imana yagennye ko umugabo n'umugore we bagira. Imigozi ibahuza iri hejuru y'imitwe yabo ihagarariye ukuri ko umubano wabo wo mu mwuka ari wo shingiro ry'ubumwe bwabo.

Umugwegwe wa mbere w'inyabubiri uhagararira itumanaho, ari cyo gikoresho kibashoboza guteza imbere no kubeshaho ubumwe bwabo. Umugwegwe ukurikiraho ni uguhuza, ari cyo gihamya cy'ubumwe bwabo. Umugwegwe wo hagati muri iyi migwegwe yose uhagararira urukundo, kandi urukundo nizo mbaraga z'ubumwe bwabo. Umugwegwe w'urukundo ukurikirwa n'umugwegwe wo gusobanukirwa, uhagararira gukura k'ubumye bwabo. Umugwegwe wo nyuma muri iyi migwegwe y'inyabubiri

utuma baba umubiri umwe ni imibonano mpuzabitsina. Imibonano mpuzabitsina nibwo buryo bwo kugaragarizanya umunezero w'ubumwe bwabo. Kuba iyi migwegwe yose ari inyabubiri bihagararira ukuri ko izi nzego z'ubumwe zose ari urujya n'uruza, cyangwa harimo gutanga no kwakira muri bo. Iyo uteranyije iyi migwegwe itanu ku yo buri umwe afite ku mutwe we, ubwo ubona imigwe irindwi y'ubumwe.

Inyigisho zacu z'urushako n'umuryango zashingiraga ku nzego zirindwi z'urushako zigaragazwa n'imigwegwe irindwi ituma umugabo n'umugore baba umubiri umwe. Ndagira ngo mbahe incamake y'ibyo mwumvise kuri izi nyigisho z'itegeko ry'urushako n'umuryango mu dutabo tubiri dutoya.

Umugozi w'Umwuka

Abasomyi ba Bibiliya bavuga yuko Umwami Salomo yarimo kutubwira ibyamubayeho mu rushako rwe ubwo yabwirizaga ko umugozi w'inyabutatu udacika vuba. (Umubwiriza 4:12) Umugozi cyangwa ikamba y'inyabutatu ntiyoroshye kuyica kuko imigwegwe iboheranywe kandi itanga imbaraga nyinshi.

Imana irema ubumwe bw'umugabo n'umugore we ibyo byakozwe n'Imana, bigomba guhoraho, kandi uwo mubano ugaheza abandi, Imana yavugaga ko bagomba kuba umwe ubwabo ndetse bakaba umwe n'umuremyi wabo. Ni uko Imana yagenye ndetse yaremye urushako ko rumera. Hari urugero rwiza n'ubu wasanga ku mabuye yo kumva z'abana b'Abayuda. Ayo magambo avuga ngo: *"Ubugingo bwawe buzahambiranwa n'Uwiteka Imana yawe." (1 Samweli 25:29)* Aya magambo yaba amagambo meza yakwandikwa kuri buri rushako rwemerwa n'Imana iyi minsi. Imigwegwe itatu mu rugero rwiza rutangwa na Salomo yahagararira urushako rw'abantu babiri bakijijwe muri ubu buryo: umugabo, umugore, na Kristo.

Mu gice gikomeye cy'Intumwa Pawulo kivuga ku rushako, Pawulo ashishikariza abashakanye bakunda Imana ko bareka gukora imibonano mpuzabitsina kumara igihe gito kugira ngo bashobore gusenga no kwiyiriza ubusa. Avuga ibi, arimo kuvuga umubano w'imibonano mpuzabitsina w'aba bantu bashakanye. Icyo arimo kuvuga ni uko imibonano mpuzabitsina yabo n'ubumwe bwabo bukomezwa n'ubumwe bwabo bwo mu mwuka n'umuremyi wabo (1 Abakorinto 7:3-5)

Ndaza kubaganiriza ku mibonano mpuzabistina nyuma, ariko ubu ndagira ngo ngire ibyo mvuga ku cyo Pawulo arimo kuvuga muri iki cyanditswe ku mubano ukomeye cyane wo mu buzima bwawe. Umubano ukomeye cyane kandi w'ibanga mu buzima bwawe

ntabwo ari umubano wawe n'uwo mwashakanye, ahubwo ni umubano wawe n'Imana. Pawulo arimo kwigisha ko umubano wacu n'Imana ukomeye, n'uw'umuntu ku giti cye and n'uw'ibanga.

Niba uwo mubano ukomezwa no kwitandukanyaho gato maze umuntu ku giti cye akegera Imana, ibi bisobanuye ko dukomeza no gusabana n'Imana buri muntu ku giti cye na nyuma yo gushaka. Fata umwanya ubitekerezeho, kuko niduhagarara imbere y'Imana ku munsi w'urubanza, buri muntu azabazwa kandi atange ibisubizo bye, ntabwo uzabazwa ndetse ngo usubirize uwo mwashakanye. Tuzahagarara imbere y'intebe y'urubanza umuntu ku giti cye, atari twembi nk'umugore n'umugabo we.

Urushako rw'abizera Imana rukomezwa cyangwa rugacibwa intege n'ubumwe buri umwe afitanye n'Imana. Iyo umugabo afite ukwizera n'umubano na Kristo ukomeye, n'umugore bikaba ari uko bimeze, iyo bashyingiwe hari ikintu baba bafite bombi, baba bafite ubuzima bw'umwuka buzakomeza umubano wabo bombi.

Iyo umugabo n'umugore we bafite ibihe byo gusenga hamwe, ibihe byo gusoma Bibiliya hamwe, ndetse no gusoma ibindi bintu bifasha, ibi bibafasha kunyura mu bihe bikomeye. Hari ubwo bajya barakazanya cyangwa batongana babitewe n'ikintu bavuze cyangwa bakoze, ariko iyo bavuye muri cya gihe cyo guhura n'Imana, baba bafite amahoro n'Imana, kandi bafitanye amahoro hagati yabo ubwabo. Iyo bombi begereye Imana kandi bakanyura mu munsi, bagenda barushaho kwegera Imana ndetse no kwegerana ubwabo.

Niba utegeranye n'uwo mwashakanye nk'uko ubishaka, wowe ubwawe, shaka Imana, egera Imana. Uko ni ko umugozi w'umwuka w'ubumwe wagenewe gukomeza urushako. Ubwo umugabo n'umugore buri umwe afite uyu mugozi w'umwuka ubahuza n'Imana, ndagira ngo mvuge ko iyi migozi y'umwuka ari yo rufatiro cyangwa shingiro ry'urushako Imana yagaragaje mu ijambo ryayo, Bibiliya.

Icyiciro cya 4
Umugozi w'Itumanaho

Iyo abashakanye bahuye n'umushumba wabo cyangwa umujyanama w'urushako, kimwe mu bibazo bavuga ni ikibazo cyerekeye imivuganire cyangwa itumanaho. Igihe cyose batangira gahunda y'ubujyanama bavuga bati, "Nta mivuganire tugira. Ntabwo tuvugana."

Imivuganire cyangwa itumanaho ni urwego rwo mu rushako rwafasha cyane ababiri kuba umubiri umwe kuko ari igikoresho kibafasha guteza imbere ubumwe bwabo. Nk'abantu bavutse ubwa kabiri, dufitanye ubumwe na Kristo. Ubwe n'umucunguzi ntabwo bwibeshaho. Bugomba kwitabwaho. Bugomba gutezwa imbere. Niyo mpamvu ituma buri munsi ugomba kumarana umwanya n'Umwami mu masengesho ndetse unasoma ijambo rye. Mu yandi magambo, tubeshaho kandi tugateza imbere umubano wacu na Kristo tuganira nawe dusenga ndetse dutega amatwi ijwe rye iyo tubumbura tugasoma Bibiliya.

Ni nako bimera mu rushako. Tugomba kubagarira no guteza imbere umubano wacu. Itumanaho cyangwa imivuganire ni igikoresho abahsakanye bakoresha kubagarira no guteza imbere ubumwe bwabo. Udukoko dutera indwara dukurira ndetse tukagwirira mu mwijima, ariko ntabwo twaba mu mucyo. Iyo abantu babiri batavugana, hari udukoko twinshi dutera indwara tugwirira muri bo. Ni cyo gituma Pawulo adushishikariza "…" (2 Abakorinto 4:2) Iyo tubeshya ndetse tugahishanya cyangwa tukagira ibyo dukingana, ubwo dutuma udukoko dutera indwara tugwirira mu mwijima. Kuvugana cyangwa kuganira bimera nko kwatsa cyangwa gucana itara ku rushako rwacu. Iyo tubikoze, hari udukoko dutera indwara twinshi dupfa. Iyo tuvugana neza, nibwo twakemura ibidapfa, kuko "urumuri" rw'imivuganire yacu ruba igikoresho kibagarira ndetse rubeshaho ubumwe bwacu.

Inkusanyamagambo zisobanura itumanaho cyangwa kuvugana nko "gutanga no kwakira ubutumwa, amakuru n'ibitekerezo tuvuga, duca amarenga, cyangwa dukoresha ubundi buryo." Iki gisobanuro kitubwira ibintu byinshi btandukanye ku kuvugana cyangwa gutumanaho. Icya mbere, ni uko ari nta kutavugana cyangwa kudatumanaho bibaho. Iyo abantu bavuga ngo, "Ntabwo tuvugana," ibi ntabwo biba ari ukuri. Turavugana igihe cyose; icyitonderwa ni ibyo n'uko tuvugana. Kuvuga, amarenga cyangwa ubundi buryo.

Iki gisobanuro cy'itumanaho cyangwa imivuganire kitubwira ko hari inzego ebyiri z'itumanaho; gutanga no kwakira. Hari umugore wavuze ati, "Bisa nkaho umugabo wanjye aba ku kirwa cyihishe kandi maze imyaka makumyabiri nzenguruka icyo kirwa ariko nabuze aho nahagarika ubwato bwanjye."

Tekereza wowe n'uwo mwashakanye muri ku birwa bibiri bitandukanye ariko mukaba muvugana gusa mukoresheje icyombo. Kugira ngo muvugire kuri icyo cyombo, umwe muri mwe agomba gukanda aho ukanda ukavuga maze ubutumwa bukagenda, hanyuma undi nawe agakanda ahakandwa maze

ubutumwa bukaza. Hari ubwo ibibazo byo mu mivuganire biterwa nuko umwe mu bashakanye atashyizeho radio ye kugira ngo yoherereze ubutumwa mugenzi we. Kandi hari nubwo ubutumwa bugenda, ugasanga bwangijwe cyangwa bwahinduwe. Kandi hakaba n'ibindi bihe ubwo ibibazo bwo mu itumanaho cyangwa imivuganire y'abashakanye biterwa nuko umwe mu bashakanye cyangwa bombi batashyizeho ibyumvirizo, cyangwa bakabishyiraho ariko ugasanga bitashyizwe ku murongo mwiza wakwakira ubutumwa.

Uko ubutumwa bwakirwa ni ingenzi cyane kimwe n'ukuntu butangwa cyangwa bwoherejwe. Iyo akanyamasyo kavuye mu bwihisho bwako, iyo ugakozeho gahita gasubiramo ntigasohoke kumara igihe kirekire. Natwe abantu ni ko duteye. Tekereza ubwiye uwo mwashakanye ikintu cy'ibanga cyane. Ubwo butumwa iyo butakiriwe neza, usubira mu bwihisho bwawe kandi hari ubwo utakongera gusohoka kumara igihe kirekire.

Iyo udashobora kuvugana n'uwo mwashakanye, ubwo nta gikoresho cyo kubagarira no guteza imbere ubumwe bwanyu uba ufite. Ntabwo watunganya umubano wanyu. Birashoboka ko wahindura cyane imivuganire yanyu maze ukabona iki gikoresho cyagushoboza gutunganya urushako rwawe.

Uretse umubano w'umubyeyi n'umwana we wagenewe kurangira, umubano w'urushako uhuza abantu babiri. Urushako rwagenwe kumera nk'impande za mpande eshatu zihura. Umugabo n'umugore we bagomba kugenda begerana uko bukeye n'uko bwije. Kuvugana cyangwa kuganira biduha biduha igikoresho kidushoboresha kubikora. Iyo abashakanye badafite imivuganire myiza hagati yabo, ntabwo baba bafite igikoresho Imana yaremye kugira ngo kibashoboze gutunganya no umubano wabo.

Ibibazo by'imivuganire bigaragarira mu buryo bubiri. Uburyo bwa mbere ni impaka. Hari abantu bashakanye badashobora kuvugana kumara iminota itanu batagiye impaka ku kintu runaka. Ubundi buryo ni imbusane y'ubu. Ni uguceceka. Ntabwo bishatse kuvuga ko guceceka kose kugaragaza ikibazo mu mivuganire, ariko kenshi usanga ari cyo bivuze.

Umwe mu nshuti zange ni umugabo uceceka cyane. Hari umunsi umugore yamubwiye ati, "ntabwo ujya uvuga menshi, sibyo?" Maze uwo mugabo w'inshuti yange aramusubiza ati, "Iyo amazi ari menshi, aba atuje. Ariko iyo ari makeya , agira urusaku." Uwo mugabo w'inshuti yange ntiyabwiye neza uwo mugore. Yamubwiye uko abyumva.

Nuko rero, niba warashakanye n'umuntu uceceka cyane, ntabwo bivuze ko mufite ikibazo mu mivuganire yanyu. Bumwe mu buryo bwiza cyane bwo kubana ni ukugira ubusabane, kandi nibwo busobanuro bukuru bw'ijambo itumanaho cyangwa imivuganire. Mwabana neza cyane kuburyo bitabasaba kuvugana kugira ngo mubane. Ntabwo buri guceceka kuvuze ko hari ikibazo mu mivuganire cyangwa mu itumanaho ryanyu.

Icyakora "guceceka ko kwirengagiza" nabwo ni uburyo bw'itumanaho cyangwa imivuganire, kandi hari ubwobwasobanura ko mufite ikibazo mu mivuganire yanyu. Iyo mwashakanye akwirengagije aceceka ibyo bivuze ko wamubabje akaba arimo gukoresha guceceka kwe kukuvugisha. Hari umugore wari ufite umugabo wajyaga abimukora yaravuze ati, "Bigusaba gutega amatwi cyane kandi umwegereye cyane kugira ngo wumve icyo arimo kuvuga."

Tuvugana tuvuga, duca amarenga no mu bundi buryo. Ubwo buryo bundi bwaba guceceka, gutura hasi igikombe cyangwa isahane, gukubitaho urugi urukinga, no gukubita cyane ku rugi cyangwa ku gikuta. Ku rundi ruhande rwiza, guseka cyangwa kumwenyura, gufata cyangwa gushyira ukuboko ku rutugu, guhobera cyangwa amarira ni uburyo bw'imivuganire cyangwa itumanaho. Ubwo rero urabibona ko nta kutavugana bibaho. Hari ubwo tuba tuvugana duca amarenga cyangwa dukoresha ubundi buryo tudasohora amagambo, ariko ubwo buryo bundi ni uburyo bwumvikana cyane cyangwa buvuga cyane. Uwitwa Francis Assisi yigeze kuvuga ati, "Muri byose ujye ubwiriza Kristo. Nibiba ngombwa cyane, ukoreshe amagambo." Kuvugana cyangwa gutumanaho gukomeye, kwaba ari kuba cyangwa kwiza, ntabwo gusaba gukoresha amagambo.

Hari igihe umwarimu wacu watwigishaga kuvuga yinjiye mu ishuri ryacu asanga turimo gusakuza cyane. Aragenda ahagarara imbere yacu maze akubita ku meza cyane. Byumvikanye nk'isasu rya pisitori rirashwe, maze avuga ni ijwi rirere ati, "Murusheho gusakuza!" Maze abanyeshuri bose baraceceka. Maze adusobanurira ibyo akoze. Aratubiwra ati karindwi ku ijana y'itumanaho ni amagambo. Mirongo itanu na gatanu ku ijana ni ijwi ayo magambo avugishijwe, maze mirongo itatu n'umunani ku ijana ni imiterere cyangwa imihindukire y'umubiri muri icyo gihe amagambo avugwa. Yaravuze ati "nimurusheho gusakuza." Ntabwo byigeze biturisha ishuri. Iyo baza kumenya icyo yari avuze, byari bugire indi shusho bitanga itandukanye n'iby bakoze. Ariko, icyaturishije ishuri ni ijwi rye uko yarikoresheje avuga. Imivugire ye n'ijwi rye byagaragaje avuze ngo, "Ndashaka ko mutuza!" Kandi byashimangiwe no gukubita cyangwa guhonda

cyane ku meza.

Incamake

Itumanaho ntabwo ari ibivugwa gusa, ahubwo ni n'ibyumvikana. Itumanaho cyangwa kuvugana ntabwo ari ibivugwa gusa, ahubwo ni n'ibyakirwa. Itumanaho cyangwa kuvugana ntabwo ibivugwa gusa, ahubwo ni n'ibyumvikana hashingiwe ku marenga n'ubundi buryo bw'imivugire. Itumanaho cyangwa kuvugana ntabwo ibivugwa gusa, ahubwo ni n'igitekerezo gitanzwe. Itumanaho ntabwo ari ibivuzwe gusa, ahubwo hari n'ubwo ari iby'abantu bashaka kumva. Ibi bintu byose bituma uhabwa ubutumwa amenya ibyavuzwe hakoreshejwe amagambo, amarenga, n'ubundi buryo.

Ibibazo by'imivuganire cyangwa itumanaho

Nk'umushumba, maze imyaka myinshi mbaza abashakanye nti, "Mbese mujya mugirana imivuganire cyangwa itumanaho ryiza?" Igihe cyose usanga kenshi bose basubiza bati "Yego." Najyaga mpa benshi muri aba bashakanye umukoro. Iyo ikibazo cyabo cyabaga ari uko batakivugana, najyaga mbasaba kwandika urutonde rw'impamvu zituma batakivugana. Iyo nsanze ikibazo giterwa n'uko badashobora kuvugana badatonganye cyangwa batarakariranye, mbasaba kwandika impamvu zose zituma barakarirana iyo barimo kuvugana. Ibi bibazo nabyise "communication circuit breakers", mu Kinyarwanda twakwita, "Ibintu bikuraho inkomyi zo kuvugana."

Namaze imyaka myinshi nkusanya izo mpamvu kandi nzisoma. Nabonye impamvu zirenga makumyabiri zitera ibibazo by'imivuganire zatanzwe na benshi. Dore zimwe muri izo mpamvu zitera ibyo bibazo maze urebe niba nawe uzizi.

1. **Ntabyo ashaka.** Hari umugore wanditse ko hari umugoroba yabwiye umugabo ati, "Umwana yatangiye konka urutoki uyu munsi." Yari yishimiye ko umwana arimo gukura, ariko umugabo we ntabwo yari amuteze amatwi. Ubanzi ibitekerezo bye byari bikiri mu kazi cyangwa yarimo gusoma ikinyamakuru. Nta muntu wakwifuza gukomeza kuvuga iyo abonye ko arimo kwivugisha cyangwa uwo bavugana atamwitayeho. Ariko, bikaba bibi cyane kuko kudatega amatwi bivuze ikindi kintu kitari cyiza, ari cyo, kutitaho. Biba bibwiye uwo mugore ngo ntabwo ngushaka ndetse ntabwo nshaka n'umwana." Kuri uwo mugore, kuba ari ntacyo yitayeho bivuze ko atamukunda we n'umwana.

2. **Ntabwo ajya atangira ikiganiro.** Wibuke yuko, itumanaho cyangwa kuvugana ari ugutanga no kwakira. Umunsi umwe, umwe mu bashakanye akavuga ati, "Ni jyewe uhora uvuga. Ntabwo ajya atangira ikiganiro cyangwa ngo agire icyo avuga mu kiganiro cyacu. Icyo akora ni ugusubiza gusa." Niba kuvugana cyangwa itumanaho ari ikiraro, umugabo n'umugore we bombi bagomba kugenda igice cy'urugendo kingana. Iyo umwe muri bo ari we ukomeje kubaka ikiraro cyose wenyine, acika intege kandi akarekera aho kuvuga.

3. **Umugore cyangwa umugabo uhora atongana kandi ajya impaka.** Salomo yavuze ko "*umunsi w'imvura nyinshi y'urujojo rudahita, n'umugore w'ingare uvuga urudaca birahwanye.*" (Imigani 27:15) Mu by'ukuri, abagabo n'abagore bose bafite impano zingana zo gutongana. Umunyantonganya arwanya kandi ahakanya icyo uwo bashakanye avuze cyose. Iyo uzanye igitekerezo gishya, umunyantonganya cyangwa umunyamahane, arakirwanya. Birakomera cyane, ndetse hari n'ubwo bidashoboka ko wavugana cyangwa waganira n'umunyamahane.

4. **Kutamenya ko uwo mwashakanye akeneye kwiherera.** Nta cyo byatwara umubano wanyu n'ubusabane bwanyu iyo uwo mwashakanye agikenera umwanya wo kwiherera cyangwa we wenyine. Ntibikagutere ubwoba. Wibuke yuko nubwo "ababiri" baba umwe mu rushako, hari ukuntu tuba tukiri babiri.

5. **Hari ubwo ibibazo byo kutavugana biterwa n'ibibazo by'ibigaragara, ibibazo byo mu marangamutima, n'ibibazo byo mu mwuka muri umwe cyangwa mu bashakanye bombi.** Iyo ari uko bimeze nta bumenyi cyangwa kwigisha kw'itumanaho cyangwa imivuganire yakemura ibyo bibazo. Ibisubizo by'ibyo bibazo bigomba gushakwa kenshi hanze y'umubano wabo mu mwuka, mu bigaragara, ndetse no mu marangamutima.

6. **Ibibazo by'ubuzima bijya bigira ingaruka zikomeye cyane ku mivuganire n'umubano** w'abashakanye. Ujye uhora uzi yuko bishoboka ko ikibazo cy'ibigaragara cyangwa ibifatika cyaba ari cyo ntandaro cyangwa isoko yo kutavugana kwanyu cyangwa kw'abashakanye. Ibi biba cyane cyane iyo umuntu ugoye kuvugana nawe atari uko yari asanzwe ameze. Ibibazo byo mu mutwe hari ubwo byateza ikibazo mu mivuganire y'abashakanye.Iyo uwo mwashakanye afite ibibazo bikomeye by'ubuzima, cyangwa byo mu marangamutima, agomba

kuvurwa cyangwa gufashwa.

Ubufasha bwo mu Byanditswe

Hari ubwo usanga ibibazo biterwa n'ubusambo cyangwa kwikunda. Aho usanga umwe cyangwa abashakanye bombi buri muntu yikunda, ntakunde mugenzi we. Ni cyo gituma atakitaye ku mubano. Ni cyo gituma takikumva. Iyo ikibazo ari ukwikunda, igisubizo cyangwa umuti ni ukutikunda. Itegeko riruta ayandi yose niryo gisubizo cyangwa umuti. Yesu yatubwiye gutekereza icyo dushaka ko abandi badukorera maze icyo abe ari cyo dukorera abandi. (Matayo 7:12) Iyi nyigisho ya Yesu ikomeye yahindura imivuganire y'abashakanye ikaba myiza. Buri umwe mu bashakanye agomba kwita no gutekereza ku bintu by'ingenzi bya mugenzi we bashakanye. Ibibazo byinshi by'imivuganire byakemurwa no gusaba Imana ubwenge. Umwe mu mirongo ya Bibiliya nkunda cyane ni Yakobo 1:5, uvuga ngo, "*Ariko niba hariho umutnu muri mwe ubuze ubwenge, abusabe Imana iha abantu bose itimana, itishama, kandi azabuhabwa."* Tugomba guhora dusenga Imana tuvuga ngo, "Ntabwo nzi icyo nakora. Ndagusaba ubwenge kuko ari ntabwo mfite. Utubwira ngo tubugusabe, none ndabugusabye." Uzatangazwa n'ukuntu yishimira guha ubwenge ubwoko bwayo iyo bayibusabye. Nuko rero, ibibazo by'imivuganire yanyu nibikugeza ahantu wumva utazi icyo wakora, ujye usaba Imana ubwenge.

Uko Wavugana N'umuntu Ugorana

Hari ikindi cyanditswe muri Bibiliya kitwereka uko twakemura ibibazo bikomeye by'imivuganire. Umva iyi nama Pawulo yagiriye Timoteyo: *"Nyamara ibibazo by'ubupfu n'iby'abaswa ntukabyemere, uzi nawe ko bibyara amahane. Ariko umugaragu w'Umwami wacu ntakwiriye kuba umunyamahane, ahubwo akwiriye kugira ineza kuri bose, agakunda kwigisha, akihangana, agahanisha ubugwaneza abamugisha impaka ngo ahari nibishoboka, Imana ibahe kwihana ngo bamenye ukuri, basinduke bave mu mutego wa Satani wabafashe mpiri, babone gukora ibyo Imana ishaka."* (2 Timoteyo 2:23-26)

Niba uwo mwashakanye ari umunyamahane cyangwa ugorana, bisa naho yafashe mpiri na Satani. Aba ari mu mwobo wa Satani kandi wowe ntabwo wawumukuramo. Imana niyo yamubohora yonyine.

Ariko dore icyo wakora kugira ngo ukomeze kwera imbuto y'umwuka. Hari imbuto z'umwuka eshatu zivugwa muri iki cyanditswe: Kugira neza, kwihangana, n'ubwugwaneza.

Nukomeza kwera imbuto y'umwuka, ibyo bizatuma umuryango wo gukoreshwa n'Imaa ukomeza kuba ukinguye kugira ngo kandi ikingirane hanze Satani. Ibi bizatuma ubona amahirwe yo kumvwa maze ubwire uwo mwashakanye ukuri kwamubatura. Pawulo yihaniza umukozi w'Imana (wowe) yihanukiriye ko utagomba kujya impaka cyangwa kugira amahane, kuko bikingirana Imana hanze bigakingurira Satani.

Igihe urimo gushyira mu bikorwa kuno kuri kwatanzwe na Pawulo ko kuvugana n'umunyamahane, ugomba guhora uzi ko bishoboka ko waba ari wowe munyamahane mu rushako rwawe. Yesu yaravuze muri Matayo 7:5 ati, *"Wa ndyarya we, banza wikuremo umugogo uri mu ryawe jisho, kuko ari bwo wabona uko utokora agatotsi mu jisho rya mwene so."* Kugira umugogo mu jisho ryacu byadutera guhuma maze bikatubuza kumenya ko ari twe banyamahane Pawulo arimo kuvuga muri iki cyanditswe.

Ikindi gisubizo cyangwa undi muti utangwa na Bibiliya, cyane cyane iyo uwo mwashakanye afite ibibazo byo mu mutwe cyangwa mubiri we, ni ugusenga rya sengesho Yesu yasengeye ku musaraba ati, *"Data, ubababarire kuko batazi icyo bakora."* (Luka 23:34) Tekereza: Mu kababaro k'urupfu yarimo kunyuramo, Yesu yasengeye abanzi be iri sengesho. Niba Yesu yarasengeye abanzi be iri sengesho, mbese ntiwarisengera uwo mwashakanye? Niba ibyo arimo gukora abiterwa n'ibibazo by'uburwayi bwo mu mutwe cyangwa mu mubiri we, iri sengesho ryagukorera igitangaza urimusengeye.

Kuvugana k'Umuryango

Iyo wowe n'uwo mwashakanye mufite abana, ingingo y'itumanaho cyangwa kuvugana ni ingenzi cyane kuruta iyo muri babiri mwenyine. Ni ingenzi kumenya abo mugomba kuvugana mu muryango wanyu, maze mukagena umwanya wo kuvugana cyangwa kuganira no buri umwe.Urugero, kuganira cyangwa kuvugana k'umugabo n'umugore we ni cyo kiganiro cy'ingenzi cyane mu muryango. Ikindi kiganiro cyangwa ukundi kuvugna ni ukwa papa na mama, nkunda kwita "umushyikirano." Ntabwo mugomba kuvanga uko kuvugana cyangwa ibyo biganiro byombi. Mugomba kugena igihe cyo kuvugana no kuganira nk'umugabo n'umugore we, hanyuma mukagena ibindi bihe byo kuganira nk'ababyeyi.

Icyiyongeye kuri iki, hari ibiganiro bindi byinshi biba hagati y'ababyeyi n'abana babo. Hari ubwo ugomba kugena igihe n'ahantu ukaganira na buri mwana mwenyine, ibindi bihe

mukaganira nk'umuryango mwese. Kandi ntuzibagirwe icyifuzo cy'abana kuganira ubwabo bonyine, batari kumwe n'ababyeyi. Mu rugo rwacu, iyo twumvaga abana baganira, twabyitaga, "amajwi y'urubyaro," kandi byatuberaga nk'umuziki mu matwi yacu. Twarabikundaga.

Uko Ubuzima Bumeze

Tekereza mpande eshatu iganijwemo ibice bitatu. Maze buri gice gihagararire igice kimwe cya gatatu cy'ubuzima bwanyu nk'abashakanye n'abana banyu. Mu busanzwe uko ubuzima bumera, tumara kimwe cya gatatu cy'ubuzima bwacu tubana n'ababyeyi bacu, ikindi gice kimwe cya gatatu cy'ubuzima bwacu tukabaho turerana abana n'uwo tuba twarashakanye nawe, hanyuma igice kimwe cya gatatu cya nyuma tukakimara "Twibana nk'abashakanye," abana barakuze bakajya kubaka izabo ngo. Ibi bivuze ko buri muntu amarana ibice bibiri bya gatatu by'ubuzima bwe bwose n'uwo bashakanye. Imivuganire yo mu mubano tugomba kwitaho cyane ni iba hagati yacu n'abo twashakanye nabo, kuko igomba kugumaho na nyuma yo kugenda kwa abana barakuze.

Indi mpamvu ituma tugomba kwita cyane ku mivuganire yacu nk'abashakanye n'uko indi mibano yose igira ikibazo gikomeye cyane iyo imivuganire y'umugabo n'umugore we ihagaze cyangwa ihungabanye.

Hari ababyeyi bensh bakora ikosa ryo gushyira abana babo imbere y'uwo bashakanye. Iyo birengagije umubano wabo n'uwo bashakanye, igihe abana bavuye mu rugo bakuze, hari ubwo bakwisanga nta rushako cyangw aumubano muzima bagifitanye nk'abashakanye. Ni ibyago bikomeye cyane iyo inshako zisenyutse muri icyo gihe kuko ababyeyi bombi bibagiwe ko nabo ari umugabo n'umugore we. Imivuganire cyangwa itumanaho riduha igikoresho wakomeresha umubano ukomeye cyane mu rugo rwawe.

Igice Cya 5
Umugozi wo Guhuza

Guhuza ni cyo gihamya cy'ubumwe Imana yageneye umugabo n'umugore we. Iyi ngingo yo guhuza ituma benshi batekereza ku guhuza imibiri cyangwa gushaka gukora imibonano mpuzabitsina. Guhuza imibiri ni ingenzi cyane, ariko ntabwo bisobanuye gusa gukundana, ahubwo binavuze n'ibindi bintu nk'amarangamutima yacu. Mbese amarangamutima yanyu arahura? Aha niho inshako nyinshi zihurira n'ibibazo. Hari ubwo

abasore bashakana ntibgere banavuga ku guhuza kwabo ko mu mwuka. Nyuma yo gushakana bakaba ari bwo bamenya ko badahuza mu ndangagaciro zabo z'umwuka.

Urugero, umugore ukiri muto agasama maze umugabo we akamubwira gukuramo inda. Maze akavuga ati, "Ntabwo nabikora. Binyuranye n'imyizerere yange." Umugabo akamubaza ati, "Imyizerere yawe ihuriye he n'ikibazo dufite? Ntabwo twashobora gutunga umwana. Kuramu inda!" Umugore agahitamo gutana n'uwo mugabo burundu. Ikindi kintu cyangwa ahandi hantu hasaba gusobanura neza indangagaciro hakunze gutuma abashakanye batana burundu ni inshingano z'umugabo n'umugore. Ni ngombwa cyane ko umugabo n'umugore we bumvikana ku nshingano za buri umwe, n'ibyo umwe yifuza ku wundi, mbere yuko bemeranya kubana cyangwa gushyingirwa.

Mugomba guhuza indangagaciro n'umuntu washakanye nawe. Iyo mwembi muri umwe muri Kristo, indangagaciro zanyu zishingiye ku ijambo ry'Imana, tekereza guhuza ibyo byabaha! Guhuza kwanyu ko mu mwuka niko rufatiro uheraho ugena ndetse ushyiraho inshingano n'uruhare rwa buri umwe muri mwembi mu rushako rwanyu. Urufatiro rwanyu rwo mu mwuka nirwo rusobanura ubuzima bwanyu bwo mu mwuka ndetse n'imibereho yanyu, uko mukoresha amafaranga yanyu n'igihe cyanyu, icyo mwembi mwifuriza abana banyu n'ibindi byose byo mu buzima bw'umubano wanyu.

Amateka y'ijambo guhuza ahera mu gihe ubwo abantu bumvaga bimeze bityo. Guhuza ni ijambo rituruka mu magambo asobanura "hamwe na" na "kubabara." Cyera cyane bavugaga ko abantu babiri baberanye cyangwa bahuje kuba babana nk'umugabo n'umugore iyo babaga biyemeje "kubabarana." Ibi byumvikana nk'ibintu bibi mu buzima, ariko ni ko byari bimeze. Ubuzima bwari bukomeye cyane muri icyo gihe. Mbese wari wigera ujya mu irimbi ry'urusengero rukuru cyane ngo urebe amabuye yashyizwe ku mva z'abana? Mu bihe bya kera, abantu bagiraga imiryango minini. Imwe mu mpamvu zabiteraga ni uko bari bazi ko nitubyara abana cumi, ahari abatanu nibo bazabaho bonyine.

Guhuza ni imwe mu mpamvu nyinshi zituma itumanaho ry'ingenzi cyane mu muryango ari itumanaho ry'umugabo n'umugore we. Iyo mutakaje umwana, mufatanya kunyura muri icyo gihe kibi cyane mwembi. Murababara kandi mukarira hamwe. Ariko iyo utakaje uwo mwashakanye, ubabara wenyine. Maze kumva abantu batandukanye bubatse bahamya uko kuri, ko iyo bameranye neza n'Umwami ndetse n'uwo bashakanye,

banyura muri buri mibereho yose kandi bakayivamo amahoro. Iyi n'impine nzinza y'incamake y'ubusobanuro bw'ibanze bw'ijambo "guhuza."

Icyakora, muri iki gihe uburyo iri jambo rikunze gukoreshwa butugejeje ku busobanuro bwaryo bw'iki ghe, ari bwo: "Abantu babiri baberanye." Bafite kamere iteye kimwe, bafite amarangamutima ateye kimwe, ndetse bahuje n'inshingano. Icyo abantu batahura cyangwa bamenya iyo bashakanye ni uko buri muntu hari ibyo ashoboye n'ibyo adashoboye. Intege nke ntabwo zijya zigaragara ku itangiriro ry'urushako. Ariko nyuma y'igihe runaka mwubatse, abashakanye nibwo bamenya ko hari intege ndetse n'ibindi bashoboye bafite. Ikibabaje ni uko, uko uko kuri kugaragara, abashakanye benshi muri iki gihe baravuga bati, "Ndabona tutagihuza kandi hari undi nabonye duhuza."

Gutana no kwahukana biriganje muri iki gihe kuko isi ivuga ko kudahuza ari yo ntandaro yo kuva mu rushako cyangwa guhagarika urushako. Mu by'ukuri ahantu hatandukanye ku isi wahasanga impamvu zitandukanye mu mategeko yabo zatuma habaho ubutane. Bibiliya yemera impamvu imwe yonyine yatuma habaho ubutane bwa burundu, kandi ntabwo ari ukudahuza. Ni uguca inyuma uwo mwashakanye. Nk'uko nabivuze, isezerano ry'urushako rifite icyitonderwa kimwe gusa kandi icyo cyitonderwa ni ugutandukana n'abandi bose ukabana n'uwo mwashakanye wenyine. Iki cyitonderwa kivuze ko Imana itadusaba kubana n'umuntu mu mubano w'urushako utareka abandi bose akabana nawe mwenyine.

Kwemera

Ubusobanuro bwacu bwo guhuza bugomba no kubamo ingingo yo kwemera. Hari ibintu byinshi mu rushako ugomba kwemera ku muntu mwashakanye. Ntabwo azahinduka. Abantu benshi ni injiji; batekereza ko nyuma yo gusezerano cyangwa gushyingirwa bazahindura ibintu badakunda ku muntu yashakanye nawe. Abagore bakunda kugira iki ibazo. Ni injiji cyane kuburyo batekereza bati, "Niturangiza kurushinga, nzamuhindura amere uko nifuza." Ariko iyo ni imitekerereze y'ubwana. Nyuma yo gushyingirwa, umugabo akomeza kuba uwo yari we mbere yuko bashakana kandi ntabwo yigera ahinduka.

Ibyanditswe biseka abantu batekereza ko nabo ubwabo bakwihindura. Urugero, Yeremiya yarabajije ati, "*Mbese Umunyetiyopiya yabasha guhindura ibara ry'umubiri we, cyangwa ingwe ubugondo bwayo? Namwe ni uko ntimwabasha*

gukora ibyiza, kandi mwaramenyereye gukora ibibi." (Yeremiya 13:23) Bibiliya itubwiza ukuri iyo itubwira guhinduka.

Ariko Bibiliya itubwira kugira ibisabwa runaka twuzuza kugira ngo Imana iduhindure. Niba ushaka cyane guhinduka, cyangwa wemera cyane ko uwo mwashakanye agomba guhinduka, ikintu kimwe cyonyine cyatuma ibyo biba ni uko mwembi mwavuka ubwa kabiri. Binyuze mu gikorwa cyo kuvuka ubwa kabiri, Imana yaduhindura ikatugira ibyaremwe bishya muri Kristo. (2 Abakorinto 5:17)

Ahatari ibyo, abantu ntabwo bahinduka. Ni ubwana gutekereza ko wahindura uwo mwashakanye kandi ni ubwana kurushaho gutekereza ko guhindura uwo mwashakanye byakemura ikibazo cyawe cyangwa cyanyu. Vuba bidatinze uhita umenya ko ushakanye n'izindi mbaraga n'intege nke. Ni byiza kandi ni ubwenge gusaba Imana kuguha ubuntu bwo kwemera imbaraga n'intege nke z'uwo mwasezeranye kuzabana burundu.

Mutekereza ku guhuza kwanyu nk'abashakanye, ntukibande ku bitameze neza, cyangwa ibyo mudahuzaho. Uko kwibanda ku bitameze neza kwica urushako. Aho gukora ibyo, jya wita ku bibahuza byiza.

Hari umusore wakijijwe afite imyaka cumi n'icyenda. Abwira umushumba w'umunyabwenge, umushumba wamuyoboye mu gikorwa cyo kwakira agakiza ko azahura n'ikibazo cyo kudashobora kureka gusambana. Uwo mushumba yamugiriye inama nziza, igira iti, "Imana yaguteguriye umufasha kandi uwo niwe gisubizo cy'ikibazo cyawe."

Uwo mukristo wari ukiri muto mu gakiza aramusubiza ati, "Umenya ute uwo mugore uwo ari we?" Umushumba aramusubiza ati, "Reka nkubwire. Fata urupapuro urushushanyeho umurongo uhereye hejuru ugere hasi. Ku ruhande rw'ibumoso bw'uwo murongo, wandikeho ibintu byose wifuza ko uwa kubera umufasha agomba kugira. Byaba ibo mu mwuka, ibyo ku mubiri, ibyo mu mutwe, n'ibindi. Maze ku ruhande rw'iburyo rw'urwo rupapuro, iruhande rw'indangagaciro umugore wawe agomba kugira, wandikeho ibintu uwo mugore agomba gusangana uwo mugabo, cyangwa umugabo wamushaka ibyo agomba kuba yujuje. Maze urebe urwo rupapuro neza witonze maze wibaze uti, "Mbese naba ndi uwo mugabo?" Nusanga utari we, ubwo uraba umenye icyo gukora igihe urimo gusenga no gutegereza uwo wifuza."

Uramutse wanditse izo ntonde zombi, wamenya uzakubera umufasha cyangwa umutware uramutse umubonye kuko wamenya uwo washakaga. Narabikoze. Nanditse izo ntonde zombi kandi mbifata mu mutwe. Mpuye n'umufasha wange, numvaga namusaba ko ambera umufasha ako kanya, ariko narategereje mbikora dusohokanye ku nshuro ya kabiri kuko ntashakaga ko gutekereza ko mpubutse cyangwa nihuse cyane! Nubwo waba utari ufite izi ntonde zombi uhura n'uwo mwashakanye bwa mbere, mu by'ukuri, nawe ni uko wabigenjeje.

Nyuma yo kubaka, wibaze uti, "Ni bintu ki byatumye ndarikira uwo twashakanye bigatuma ari we mpitamo?" Hari ubwo abantu bamara igihe kirekire cyane bubatse ku buryo bibagirwa ibyabahuje bakibonana bwa mbere byatumye bashakana.

Ni bintu wifuzaga ko yaba afite? Ni bingahe muri byo uwo mwashakanye agifite? Nurangiza wibaze uti, "Ni bintu ki wari ufite muri wowe byatumye uwo mwashakanye agukunda cyangwa yemera kubana nawe? Mbese ni bingahe muri byo ugifite?" Noneho andika urutonde rw'ibintu ukunda byose biri mu muntu mwashakanye, nurangiza wandike ibyo uwo mwashakanye agukundira.

Umushumba Dick Woodward yari afite urutare runini rusizwe irangi yahawe n'umukobwa we. Urwo rutare rwiza rwanditseho aya magambo hejuru: "Niba utegereye Imana uko wari uyegereye mbere…" Hanyuma, hasi ku rupapuro haditseho aya magambo ngo: "Ni nde wimutse?"

Noneho wibaze icyo kibazo kuri wowe n'uwo mwashakanye. Niba utacyegereye uwo mwashakanye nk'uko byahoze, ni nde wimutse? Mbese ni wowe wimutse? Cyangwa himutse uwo mwashakanye? Ntuzigere wibagirwa ibyabahuje bwa mbere.

Ibintu mugomba guhuzamo

Kugira ngo ngufashe kwibuka "urutonde rw'ibyabahuje" cyera, reka turebe ibintu by'ingenzi kandi byibanze bihuza abantu.

Kimwe ni uguhuz imibiri. Mu rushako rwiza, iyo guhuza imibiri bikorwa uko Imana yagennye ko biba, imibonano mpuzabitsina igira nka cumi ku ijana ry'umubano wose. Ariko iyo bitarimo gukora uko byegenwe, imibonano mpuzabitsina yaba mirongo cyenda ku ijana ry'ikibazo. Hari inshako nyinshi zisenyuka bitewe no guhura kw'imibiri. Mbese ni bibazo bingana iki byo kudahura kw'imibiri yanyu byakemuka, niba hari ibyo mufite, uramutse witaye kuwo mwashakanye kurusha uko wiyitayeho,

cyangwa uramutse ushyize imbere uwo muntu no kunyurwa no kuryoherwa kwe?

Guhuza kubamo n'indangagaciro. Inkusanya magambo itubwira ko indangagaciro ari, "Ikintu kirebwa n'abantu maze bakavuga ko ari cyiza, ari ingirakamaro, ari ingenzi ubwo rero kikaba gikenewe." Buri muntu agira indangagciro, zaba ari nziza cyangwa mbi. Iyo abantu babiri bashakanye, igihe turimo ni igihe aho kudahuza bigaragara neza. Indangagaciro zacu zigaragaza ibintu byinshi, nk'uko dukoresha igihe cyacu. Mbese ujya ugirana ikibazo n'uwo mwashakanye cyerekeye ku mikoreshereze y'igihe?

Indangagaciro zacu na none zigaragaza uko dukoresha amafaranga yacu. Amafaranga yacu n'ibyo dutunze bigaragaza uko dukoresha igihe cyacu. Nuko rero, iyo dukoresheje amafaranga yacu, hari ukuntu byumvikana ko tuba dukoresha ubuzima bwacu. Mbese wowe n'uwo mwashakanye mujya mujya impaka cyangwa munanirwa kumvikana ku mikoreshereze y'amafaranga yanyu? Iyo abashakanye bagiye impaka cyangwa bananiwe kumvikana ku mikoreshereze y'amafaranga yabo, haba hari ikintu kirimo kuba cyaba igipimo cyiza cyane cyo kudahuza kwabo.

Uko murera abana bawe ni ahandi hantu hagaragaza indangagaciro zanyu kandi hagaragaza igipimo cyo guhuza kwanyu. Mwembi mugomba gusubiza ibi bizubizo bigira biti, "Ni iki twifuriza abana bacu? Abana bacu turashaka ko babona burezi ki? Ni gute tugomba guhana abana bacu?" Iyo umugabo n'umugore we barezwe mu buryo butandukanye cyangwa bakuriye ahantu hatandukanye, birashoboka ko bagira amakimbirane basubiza ibi bibazo bombi.

Ahantu ha nyuma ho guhuza h'ingenzi cyane muri iki gihe ni inshingano za buri umwe. Mbese inshingano z'umugabo n'umupapa nizihe? Inshingano z'umugore n'umumama ni izihe? Usobanura inshingano zanyu, ndagira ngo nkubaze ibibazo bibiri gusa: mbese ubusobanuro bw'inshingano zanyu urabukura mu muco cyangwa mu byanditswe byera? Niba ubukura mu muco, mbese ibintu bimeze bite mu rushako rwawe no u muryango wawe?

Niba wemera ko Imana yaremye kandi ikagaragaza urushako muri Bibiliya, uko usobanura inshingano zanyu mu rushako rwanyu bigomba gushingira ku ijambo ry'Imana. Wibuke yuko aho twahereye izi nyigisho z'urushako n'umuryango ni uko urushako n'umuryango ari itegeko ry'ubuzima ryashyizweho

n'Imana ubwo yaremaga umugabo n'umugore. Mu ijambo ryayo, Imana yavuze uko abashakanye ndetse n'imiryango igomba gukora. Niba wemera ko Bibiliya ari ijambo ryahumetswe n'Imana, ubwo rero gomba gusoma ibyanditswe ushaka umugambi w'Imana kuri izi nshingano. Iyo umugabo n'umugore we bemeye gukura ubusobanuro bw'inshingano zabo mu ijambo ry'Imana, ibyo bibaha amahirwe akomeye cyane yo guhuza.

Inshingano zitangwa na Bibiliya

Ikibazo cyo gusobanura kw'inshingano z'abashakanye muri iki gihe gihora kitera ikindi kibazo, twakwita "Impaka ziterwa n'umuco." Hari abantu bavuga ko hari igice runaka cya Bibiliya kitagifite agaciro muri iki gihe bitewe n'igihe n'umuco Bibiliya yandikiwemo. Iyi ngingo y'umuco itesha agaciro ukuri kwigishwa muri icyo cyanditswe. Ni koko hari ibyanditswe byinshi bigomba gusemurwa hashyizwe mu gaciro umuco byandikiwemo, urugero ni 1 Abakorinto 11, aho Pawulo avuga ko iyo umugore yogoshaga umustasi yabaga arimo kwamamaza ko ari indaya, ubwo umugore w'umukristo agomba kureka umusatsi we ugakura ukaba muremure. Iyo mu muco runaka iki gikorwa kitabamo, ubow uburebure bw'umustasi w'umugore nta cyo butwaye.

Ariko hari ibyanditswe byishi byo muri Bibiliya bidashingiye ku muco byandikiwemo, bivuze ko bitagomba gusobanurwa hashingiwe mu muco byandkiwemo. Tugomba gusobanura umuco wacu dukoresheje ijambo ry'Imana. Ntabwo tugomba kwemerera umuco gusobanura ijambo ry'Imana. Ijambo ry'Imana ryatanzwe kugira ngo rishyireho umuco wubaha Imana. Kimwe mu byanditswe ni mu Itangiriro aho Imana yaremye umugore nk'umufasha, cyangwa umuntu wuzuza umugabo. Umugabo ntabwo yari yuzuye atarabona umufasha wamwujuje. Umugore nawe ntabwo yari yuzuye atarobana umugabo wamwujuje. Umugabo n'umugore bombi bahuye bitwa "Adamu." Ntabwo ari ba Adamu. Umugabo adafite umugore aba ari igice gusa cy'icyo agomba kuba. Umugore iyo adafite umugabo aba ari igice, cyangwa aba atuzuye. Ariko Imana ihuza abari babiri bakaba umuntu umwe. Ubu ni ubusobanuro bwa Bibiliya ndengamuco (ntabwo bibangamirwa n'umuco).

Urugero rw'urushako rwanditswe na Petero

Ikindi cyanditswe ndengamuco kiri mu gice cya gatatu cy'urwandiko rwa mbere rwa Petero. Mu gice kikibanziriza, Petero yavuze ko mbere yuko dukizwa, twari tumeze nk'intama zazimiye. "*Kuko mwari nk'intama zizimiye, ariko none mukaba*

mwaragarukiye umwungeri w'ubugingo bwanyu ari we murinzi wabwo." (2:25)

Yarangiza agatangira igice cya 3 agira inama abagore bafite abagabo batubaha ijambo ry'Imana. Arababwira ati, "*Namwe bagore ni uko mugandukire abagabo banyu, kugira ngo nubwo abagabo bamwe batumvira ijambo ry'Imana bareshywe n'ingeso nziza z'abagore babo, nubwo baba ari nta jambo bavuze*." (3:1) Hanyuma yandikira abagabo ati: "*Namwe bagabo ni uko; mubane n'abagore banyu, mwerekane ubwenge mu byo mubagirira kuko bameze nk'inzabya zidahwanije namwe gukomera, kandi mububahe nk'abaraganwa namwe ubuntu bw'ubugingo, kugira ngo amasengesho yanyu ye kugira inkomyi*." (3:7)

Ijambo ry'ingenzi cyane ryo mu murongo wa 1 n'uwa 7 ni " ni uko" mu buhe buryo? Petero arimo gusubira kuri aya magambo, "Umwungeri n'Umurinzi w'ubugingo bwanyu." Mu byanditswe na Petero na Pawulo, Petero na Pawulo bahora baha abgabo n'abagore urugero. Urwo rugero ni Kristo n'itorero.

Petero arimo kuvuga Kristo n'Itorero kandi arimo kubaza abagabo n'abagore babo ngo, "Murashaka kumenya icyo Imana yagennye ku nshingano z'umugabo n'umugore we? Nimurebe uko Kristo ashumba itorero. Bagabo, nimushumbe abagore banyu, nk'uko ari we mushumba w'itorero. Bagore, murashaka kumenya inshingano zanyu nk'abagore? Nimwitegereze uru rugero rwa Kristo n'Itorero. Uko umugabo wawe agushumba, uko akubera Kristo, nawe ba icyo itorero riri kuri Kristo mu mubano wawe n'umugabo wawe.

Uwo niwo mwuka Petero yandikiramo ubu butumwa. Yandka ibyo arimo kuvuga ati, "Bagore, nimureke abagabo banyu bababere nka Kristo. Mwemerere agushumbe. Mwemerere agukunde nkuko Kristo yakunze itorero. Icyo ni cyo kuganduka bisobanuye ku bagore. Ni ukwemerera abagabo babo bakabashumba nk'uko Kristo ashumba itorero.

Igituma tutabona uru rugero rw'urushako mu nshako z'abakijijwe benshi muri iki gihe ntabwo ari uko abagore banga kugandukira gushumbwa n'abagabo babo, nubwo icyo kibazo gihari. Inzitizi ya mbere ituma uru rugero rw'urushako rudashyirwa mu bikorwa kandi rukagaragara muri iki gihe ni uko abagabo batabera Kristo abafasha babo. Ntabwo baba abatambyi b'ingo zabo. Ntabwo bakora inshingano zabo zo kuyobora no gushumba abagore babo n'imiryango yabo.

Urugero rw'urushako rwanditswe na Pawulo

Mu gice cya gatanu cyo mu rwandiko Pawulo yandikiye Abefeso, Pawulo agaragaza inshingano z'abagabo n'abagore zisa n'izagaragajwe na Petero. Pawulo yandika ku murongo wa 21 ati: "*Kandi mugandukirane kubwo kubaha Kristo.*" Itegereze ko Pawulo asaba ko habo kugandukirana. Abagabo n'abagore bagomba kugandukirana kuko mu buryo karemana, turi abantu bikunda. Iyo abashakanye bakunda Imana basomye ko ababiri bagomba kuba umwe, bamara igihe kirekire babaza bati, "uwuhe?" Kugira ngo ababiri babe umwe, kugira ngo bagire urushako rwiza, umugabo n'umugore bombi bagomba kugandukirana. Urwo ni rwo rukundo.

Pawulo arakomeza akandika ati, "*Bagore, mugandukire abagabo banyu nk'uko mugandukira Umwami wacu, kuko umugabo ari we mutware w'umugore we, nk'uko Kristo ari umutwe w'Itorero ari ryo mubiri we, ni nawe mukiza waryo. Ariko nk'uko itorero rigandukira Kristo, abe ari ko abagore bagandukira abagabo babo muri byose.*" (22-24)

Pawulo arimo gukora nk'ibyo Petero yakoze mu nama ye yahumetswe n'Imana yagiriye abashakanye. Petero na Pawulo bubaha urugero rwa Kristo n'itorero kandi bombi bandika inshngano z'abagabo n'abagore bifashishije urugero rwa Kristo n'itorero. Uru rugero rwa Kristo n'itorero ntaho rwari ruhuriye n'imico yo muri Asiya Ntoya cyangwa Roma. Ibi byanditswe ku rushako byahinduye imico mibi y'ibyaha yo muri icyo gihe. Tugomba kwibuka ko Yesu atigishije intumwa ze n'abigishwa be ko bubaha cyangwa baha agaciro indangagaciro z'imico yabo. Ahubwo yabahigiye guhindura imico yabo.

Umukoro uhabwa abagore mu butumwa bwa Pawulo usaba ubuntu budasanzwe. Ariko umukoro uhabwa usaba ubuntu bwinshi cyane kurusha ubwa bagore. Twebwe abagabo dutegekwa gukunda abagore bacu "nk'uko Kristo yakunze itorero akaryitangira." (25) mu buryo bumwe nk'uko Kristo yakunze itorero, abagabo niko bagomba gukunda abagore babo n'imiryango yabo. Abagabo bategekwa kwitangira abagore babo n'imiryango yabo nk'uko Kristo yitangiye itorero. Yesu yategetse abagabo kumera "…." (Matayo 5:48) Pawulo yandikiye Abakolosayi ko ibyiringiro dufite byonyine ari igitangaza ko Kristo atuye muri twe. Ubwo Kristo atuye muri twe, birashoboka ko tumera nka Kristo, dukunda ndetse twitangira abagore bacu. (Abakolosayi 1:27)

Bagore, uramutse ugize umugabo ugukunda wowe n'abana banyu nk'uko Kristo akunda itorero, mbese byagukomerera kumwemerera kugushumba? Byagukomerera kumwemerera kuba umutwe w'urugo akaba ari we ugira inshingano yo kuyobora urugo?

Hari ukuntu abagore boroherwa. Petero yandikira abagore ababwira ati, "Nimureke abagabo banyu babashumba, kandi mubikunde." Icyo ni cyo Petero aba avuga iyo yanditse ati, "Kugira ngo bareshyeshwe n'ingeso nziza z'abagore babo. Umwuka utuje ni uw'agaciro imbere y'Imana" Mwishimire kandi mukunde kugandukira abagabo banyu. Hari abagare benshi baganduka hanze ku mubiri ariko ntibaganduke imbere muri bo. Ariko Petero arandika ati, "Oya, kuganduka kwanyu kube uk'ukuri; kube ukw'imbere. Mubyishimire. Kandi mutuze. Nimubeho ijambo ry'Imana imbere y'abagabo banyu. Niba hari ikintu cyatuma umugabo ahinduka agahagarara mu mwanya we, ni igihe azakubona uhagarara mu mwanya wawe."

Wibuke yuko Petero arimo kubwira aya magambo abagore bafite abagabo batubaha ijambo ry'Imana. Ibi hari ubwo byaba bivuze ko aba bagabo badakijijwe. Hari ubwo byaba bivuze ko abagabo babo bakijijwe ariko ntabwo babera abagore babo icyo Kristo ari ku itorero. Iyo dushingiye kuri Yesu, Petero, na pawulo, tubona ko hari ahantu umugabo n'umugore we bagomba guhagarara mu rushako rwabo. Tugomba kwibuka ko Petero yandikira aya magambo abagore bafite abagabo badahagarara mu myanya bahawe guhagararamo.

Incamake

Muri make, Petero arimo kubwira aba bagore ko batagomba gusunikira abagabo babo kujya muri uwo mwanya, kubabwiriza kugira ngo bajye muri uwo mwanya, cyangwa kubakurura ngo bajye muri uwo mwanya. Babifashijwemo n'ubuntu bw'Imana, basabwa guhagarara mu myanya yabo. Ntabwo arimo kubwira aba bagore ko inama abagira izatuma abagabo bakizwa cyangwa ingeso zabo zihinduka igihe cyose. Inama abagira ni uko, ikintu cyonyine cyakemura ikibazo cyabo, ni urugero barimo guha cyangwa imbuto berera abagabo babo bahagarara mu myanya yabo bagenewe guhagararamo.

Igice cya 6
Umugozi w'Urukundo

Urwego rwo mu mwuka nirwo rufatiro rw'ubumwe bwaremwe n'Imana hagati y'umugabo n'umugore we. Itumanaho cyangwa

kuvugana ni cyo gikoresho abashakanye bakoresha guteza imbere no kwita ku bumwe bwabo. Guhuza ni cyo gihamya cy'ubumwe bwabo. Urukundo nizo mbaraga zikomeye z'ubumwe Imana yagennye ubwo yavugaga ko ababiri bazaba umubiri cyangwa umuntu umwe.

Iki ni ikibazo cyiza abateganya kurushinga bagomba kwibaza mbere yuko bashyingiranwa: "Iyo mubwiranye muti, 'Ndagukunda,' muba mushatse kuvuga iki? Mbese muba muvuze ngo, 'Hari ikifuzo mfite kandi ni wowe wankemurira iki cyifuzo kurusha abandi bose?' Iyo muvuze muti, "ndagukunda," mbese icyo muba muvuga ni, "Ndagukeneye?" Niba ari uko musobanura ingingo y'urukundo, ntabwo musobanukiwe uko Bibiliya isobanura iri jambo "urukundo."

Iyo uvuze, 'Ndagukunda,' mbese uba uvuga ngo, "Imibereho myiza yawe ni ingenzi cyane kuri jye nk'uko iyanjye ari ingenzi cyane kuri jye?"' Ibi ni byiza, ariko ntabwo na byo bisobanura urukundo Bibiliya ivuga, urukundo rwa Kristo.

Ikibazo gikomeye cyane kiba mu nshako ni ukwikunda. Ku rundi ruhande, imbaraga zikomeye cyane cyangwa ikintu gikomeye cyane mu rushako ni ukutikunda, gukunda abandi, cyangwa gushobora kugira mugenzi wawe ingenzi maze ugatekereza uko wamukemurira ibyifuzo bye. Iyo usobanukiwe uko Bibiliya isobanuro urukundo, uzamenya ko urukundo rwa Kristo ari zo mbaraga zikomeye cyane mu rushako kuko urukundo rwa Kristo ari rwo rudushoboza kutikunda no kutiyitaho twirengagije uwo twashakanye.

Yesu yaravuze ati, "*Gutanga guhesha umugisha kuruta guhabwa."* (Ibyakozwe 20:35) Inshako zamera neza cyane uku kuri kwa Yesu kuramutse gushyizwe mu bikorwa. Iyo abantu benshi bashyingiwe, baba abakira gusa. Baba bashaka kwakira ibituruka mu bo bashakanye nabo kugira ngo ibyifuzo byabo bikemuke. Iyo bombi babaye abakira ntihagire ushaka gutanga, nta numwe muri bo ugira icyo abona. Ariko ibintu birahinduka iyo bamenye ko gutanga bihesha umugisha kuruta guhabwa!

Niba utariga kwiga ku bandi, ntuzabyare. Nk'uko icyemezo cyo gushaka kigomba gushingira ku kuyoborwa n'Imana, abashakanye abakunda Imana ntabwo bagomba kubyara kugeza ubwo Umwami abayobora kubyara bakazana abana muri iyi si. Kubyara cyangwa kugira abana ni cyo kintu gikomeye cyanecyo kutikunda abashakanye bakora. Mu myaka makumyabiri cyangwa makumyabiri n'itanu bamara barera abana babo, bagomba gutanga, bagatanga, bagakomeza gutanga ari nta nyungu bategereje. Iyo ari ababyeyi beza, iyo igihe kigeze abana

babo bakava mu rugo, barashaka nabo bakabyara abana. Ibi bisaba kutikunda.

Ndi umwe mu bwoko bw'abantu barimo gushira ku isi muri iki gihe. Nagize umugisha wo kugira mama wemera uko ijambo ry'Imana rivuga ku rushako n'umuryango. Mama yari afite abana cumi n'umwe. Hari ubwo nigeze kumubaza nti, "Biramutse bigushobokeye ngo utangire bushya, mbese wakongera ukatubyara twese?" Yaransubije ati, "Yego, nabikora, ariko mbere yuko mbikora nabanza nkafata umwanzuro w'uko ntazongera kugira ubuzima bwanjye jyenyine." Ahari yenda urabona ari bibi kuba mama yahitamo kutagira ubuzima bwe wenyine."

Kimwe mu bintu ntakuka by'urubyiruko rwo mu kinyejana cya makumyabiri na kimwe ni uburenganzira bwbao bwo "gushaka ubuzima" kandi bakabaho ubwo buzima. Ni cyo gituma abagore benshi barakazwa no kumva ko babereyeho kuzuza abagabo. Abagabo nabo babazwa n'uko bagomba gukunda abagore babo bakitangira abagore babo nk'uko Kristo yakunze itorero ndetse akaryitangira. Ni gute wabona ubuzima ukabaho ubwo buzima kandi ukongera ukitangira umugore wawe n'umuryango wawe? Igisubizo ni uko utabishobora.

Byaravuzwe ngo Kristo "*Yakijije abandi, ntabassha kwikiza*." (Matayo 27:42) Gukundisha urukundo rwa Kristo ugomba gutanga ubuzima bwawe ubutangira abo ukunda. Mama yakundaga n'urukundo rwa Kristo abana be n'umugabo we. Ni cyo cyatumaga atagira ubuzima bwa bwite. Ariko yari yishimye! Yamaze imyaka myinshi mu rushako, kandi yasomye ibitabo byigisha ku rushako inshuro nyinshi. Yajyaga asoma Bibiliya. Yari umugore w'umubyeyi wishimye kuko yakuye imbaraga z'urushako rwe muri Bibiliya ye.

Uburyo bwo gukunda yahisemo kubaho bunyurana n'ab'iki gihe biyitaha gusa. Ni nako iyi mvugo ya Yesu imeze: "*Nta wufite urukundo ruruta urw'umuntu upfira incuti ze*." (Yohana 15:13) cyangwa iyi nyigisho ya Yesu: "*Kuko ushaka kurengera ubugingo bwe azabubura, ariko utita ku bugingo bwe ku bwanjye ni we uzabukiza*." (Luka 9:24) Umumisiyoneri wishwe azira kwizera Imana yaravuze ati: "Utanga ibyo atabika kugira ngo abone ibyo atatakaza ntabwo ari igicucu." Gutanga ubugingo bwawe ku bushake ubutangira undi, cyangwa abandi, nirwo rukundo rukomeye cyane ku isi. Uru ni rwo rukundo ubona mu isobanura ry'inshingano z'umugabo n'umugore bashyingiranywe mu rushako rugaragara muri Bibiliya.

Uru rukundo ndwita imbaraga z'ubumwe. Dore incamake yabyo:

Umubano wo mu mwuka abashakanye bagirana na Kristo umuntu ku giti cye ndetse na bombi ni rwo rufatiro rw'ubumwe; kuvugana ni cyo gikoresho kibeshaho umubano; guhuza ni cyo gihamya cy'ubumwe, hanyuma urukundo rukaba imbaraga ziteza imbere ubumwe.

Hanyuma se, urukundo ni iki?

"Uba ushatse kuvuga iki iyo ubwiye umufasha wawe uti, "Ndagukunda?" Uko mbajije abagabo iki kibazo, ntangazwa n'ukuntu bagorwa no kubona amagambo, cyangwa bananirwa gusobanura urukundo icyo ari cyo. Ukuri ni uko, iyo dushatse tukiri bato, hari ubwo tutamenya ikintu cya mbere ku rukundo. Iyo umusore abwiye umukobwa mwiza ati, "Ndagukunda," ubanza icyo aba ashatse kuvuga ngo, "Ndikunda kandi ndagushaka." Niba ari icyo umugabo aba avuze iyo abwiye umugeni we ko amukunda, ibi bituma umugeni we ari nta mutekano afite, kuko hari ubwo umugabo yabona undi muntu wamukemurira icyo kibazo kurusha uwo mugeni we.

Igice cy'Urukundo cyo muri Bibiliya

Reka mbabwire icyo nemera ko ari ryo jambo rikomeye cyane ryanditswe ku rukundo rw'Imana n'urukundo rwa Kristo. Ryanditse mu urwandiko rwa mbere Pawulo yandikiye Abakorinto, ni icyanditswe ushobora kuba uzi neza cyane. Urukundo ntabwo rwari rwo nyigisho nyamuru ubwo yandikaga aya magamboyamutswe n'Umwuka w'Imana ayandikira Abakorinto. Ahubwo yandikaga ku mpano z'umwuka, kandi yari agamije gusobanura impano z'umwuka igihe yandikaga iki gice cy'urukundo cyahumetswe n'Umwuka Wera.

Urukundo Rusanishwa (1-3)

"Nubwo navuga indimi z'abantu n'iz'abamarayika, ariko singire urukundo, mba mpindutse nk'umuringa uvuga cyangwa icyuma kirenga. Kandi nubwo nagira impano yo guhanura, nkamenya ibihishwe byose n'ubwenge bwose, kandi nubwo nagira kwizera kose nkabasha gukuraho imisozi, ariko singire urukundo nta cyo mba ndi cyo."

Mu mirongo itatu ya mbere y'iki cyanditswe gikomeye, Pawulo avuga ko urukundo rutagereranwa kandi rutasimburwa. Arandika ati, "Nta cyo ndi cyo, nta cyo mu byo mfite, nta cyo mu byo nkora, kandi nta cyo nzigera mba, ngira, cyangwa nzakora cyazasimbura umwanya w'urukundo mu buzima bwanjye." Mu gihe cya Pawulo, ababaga mu muco w'Abakorinto n'Abagiriki bari bazwiho kumenya kuvuga ndetse bazwiho no gushyira hejuru gushaka ubwenge, cyangwa kumenya imitekerereze y'umuntu.

Abakristo b'I Korinto nabo bashyiraga hejuru impano z'umwuka, cyane cyane impano yo kuvuga mu ndimi. Ni cyo gituma Pawulo agereranya urukundo n'ubutyoza mu magambo, indimi z'abamarayika, no kugira ubumenyi, agashyira imbere urukundo rutagereranwa kandi rudasimburwa.

Pawulo iyo arangije kuvuga urukundo avuga impano y'ubuhanuzi, nyuma aza kwita ko ari yo nkuru mu mpano z'Umwuka. (1 Abakorinto 14:1) Kandi agereranya urukundo no kwizera maze agasoza iki gice atubwira ko kwizera ari imwe mu ndangagaciro eshatu zizahoraho zikomeye cyane. Nk'umumisiyoneri ukomeye cyane wabayeho, tumenya ukuntu kwizera byari ingenzi cyane kuri Pawulo. Ariko arandika akavuga ko tugize kwizera ntitugire urukundo, tuba ari nta cyo turi cyo. Iyo Pawulo agereranya urukundo n'izi ndangagaciro Abakorinto bubaha cyane, asoza atya ati: "Nta n'imwe muri izi ndangagaciro yasimbura urukundo mu buzima bwawe bitewe n'icyo urukundo ari cyo."

Urukundo Rugereranwa (8-13)

"Urukundo ntabwo ruzashira. Guhanura kuzarangizwa no kuvuga indimi kuzagira iherezo, ubwenge nabwo buzakurwaho kuko tumenyaho igice kandi duhanuraho igice, ariko ubwo igishyitse rwose kizasohora, bya bindi bidashyitse bizakurwaho. Nkiri umwana muto navugaga nk'umwana muto, ngatekereza nk'umwana muto nkibwira nk'umwana muto. Ariko maze gukura mva mu by'ubwana.Icyakora none turebera mu ndorerwamo ibiroririori, ariko icyo gihe tuzarebana duhanganye mu maso. None menyaho igice, ariko icyo gihe nzamenya rwose nk'uko namenywe rwose. Ariko none hagumyeho kwizera n'ibyiringiro n'urukundo, ibyo uko ari bitatu, ariko ikiruta ibindi ni urukundo." (8-13)

Ku musozo w'iki gice, Pawulo yanzura igereranya rye ry'urukundo iyo atubiwra ko hariho ibintu bitatu bizagumaho, ni indangagaciro zizaguhamo, ari zo: "Ibyiringiro, kwizera, n'urukundo. Ariko asoza avuga ko ikiruta ibi byose ni urukundo. Ibyiringiro ni indangagaciro ihoraho kuko ituganisha ku kwizera. Hari igihe kwizera kwacu, cyangwa ikitwemeza ko hari ikintu cyiza muri ubu buzima, gisohozwa iyo kituganishije ku kwizera. (Abaheburayo 11:1) Kwizera ni kimwe mu bintu bizahoraho kuko kwizera kutuganisha ku Mana. Ariko iyo tubonye urukundo, tuba tubonye ikintu kituganisha ku kintu kituganisha ku Mana. Tuba tubonye Imana, kuko hariho ubwoko bw'urukundo ruri Imana. Ni cyo gituma urukundo rutasimburwa kandi rutagira icyo rugereranywa na cyo. Imana ni urukundo. (1 Yohana 4:16)

Urukundo Ruhuzwa (4-7)

"Urukundo rurihangana rukagira neza, urukundo ntirugira ishyari, urukundo ntirwirarira, ntirwihimbaza, ntirukora ibiteye isoni, ntirushaka ibyarwo, ntiruhutiraho, ntirutekereza ikibi ku bantu, ntirwishimira gukiranirwa kw'abandi ahubwo rwishimira ukuri, rubabarira byose, rwizera byose, rwiringira byose, rwihanganira byose."

Uwitwa Henry Drummond mu gitabo cye cyiza cyane cyitwa, 'The Greatest Thing in the World,' yanditse mu murongo wa 4 na 7 ati, "Muri iyi mirongo, Umwuka Wera anyuza urukundo mu ndorerwamo y'ubwenge buhumekewe bwa Pawulo, kandi rugasohokera ku rundi ruhande nk'agatsiko k'indangagaciro." Hari indangagaciro cumi n'eshanu zigaragazwa mu mirongo ine yo mu Abakorinto ba Mbere. Iyo ugenzuye izi ndangagaciro, wisanga ugenzura urukundo rw'Imana ndetse n'isesengura rya kamere y'Imana bwite kuko tubwirwa ko Imana ari urukundo. (1 Yohana 4:16)

Birakomeye cyane gusobanura Imana cyangwa urukundo ruranga Imana. Akoresheje ubwenge bukomeye, ndetse ayobowe n'Umwuka Wera, Pawulo arimo kutubwira uko urukundo rw'Imana rwitwara. Arimo kuvuga ati, "Iyo ufie uru rukundo ndimo kwandika, uku ni ko wisanga ubana n'abantu mugenda muhura cyangwa mubana cyangwa mukorana." Mu rundi rwandiko rwahumetswe n'Umwuka Ww'Imana, Pawulo atubwira ko uru rukundo ari imbuto, igihamya ko Umwuka Wera aba muri twe. (Abagalatiya 5:22) Muri iyi mirongo ine hagati muri iki gice cy'urukundo, Pawulo asobanuro urwo rukundo mu buryo bw'umwuka.

Ndagira ngo mbahigire kugira icyo mukora. Itegereze izi ndangagaciro cumi n'eshanu zigaragaza uru rukundo witanze. Mu gihe urimo kubikora, utekereze uwo mwashakanye, abana bawe ndetse n'abandi bantu maze wibaze uko buri imwe muri izi ndangagaciro igaragaza imbuto y'Umwuka isohoka mu buzima bwawe. Abantu bagira ubushobozi budahwitse bwo gusobanura iki cyanditswe bakakigoreka bakavuga ngo, "Uku ni ko uwo twashaanye ndetse n'abandi baogmba kunkunda." Oya, ahubwo Pawulo arimo kuvuga ati, "Uku ni ko ugomba gukunda uwo mwashakanye ndetse n'abandi."

Cyera ubwo umwana wacu w'imfura yari afite imyaka ibiri, namwitegereje rwihishwa ajya mu nyigisho z'abana zo kucyumweru. Natangajwe no kubona yatse umwana igikinisho cya pulasitike maze aramubwira ngo, "Yesu yavuza ko tugomba

gusangira!" Birumvikana ko yari ataramenya ubusobanuro buzima bw'urukundo Pawulo arimo kutubwira muri iki cyanditswe. Tubwe abakuru turabivanga, ariko natwe ni ko tubigenza. Iyo dusomye iki cyanditswe kivuga urukundo, abenshi muri twe turavuga tuti, "Uku ni ko uwo twashakanye agomba kunkunda!"

Iyo witegereje izi ndangagaciro zisobanura urukundo rw'Imana, ntugatekereze uko uwo mwashakanye agomba kugukunda. Ahubwo ujye wibaza uti, "Mbese naba ndimo gukunda uwo twashakanye muri ubu buryo?" Ngaho reka turebe izi ndangagaciro, imwe kuri imwe: Urukundo rurihangana." Ijambo ry'Ikigiriki Pawulo yakoresheje hano risobanuye ko urukundo rugira imbabazi. Uru rukundo ntabwo rujya rwihorera. Urukundo ntabwo rwitura inabi, nubwo rwaba rufite uburenganzira n'amahirwe yo kubikora.

Urukundo "ntirugira ishyari." Ijambo rihwanye n'ijambo rya Kigiriki Pawulo yakoresheje hano ryaba ijambo "kwitanga." Ibi bisobanura umuntu umwe kwiyemeza kubana n'undi atikunda-kutikunda kwejejwe. Mbese waba wiyemeje guha umuntu igihe cyawe, imbaraga zawe n'ibindi byose utitangira kugira ngo ukemure ibyifuzo n'ubukene bw'uwo mwashakanye? Icyo ni cyo ijambo ijambo risobanuye ngo "ntirugira ishyari" risobanuye mu rurimi ryanditswemo.

"Urukundo ntirwirarira, ntirwihimbaza." Ibi bisobanura ijambo ry'Ikigiriki rivuze ko umuntu ukunda muri ubu buryo atirata. Ntabwo aba ashaka gushimisha abandi. Ntabwo yivuga yishyira hejuru kuko uru rukundo atuma aca bugufi. Ni imbusane y'abibone n'abiyemezi b'iyi si.

Inzego ebyiri z'Urukundo rw'Imana

Izi ndangagaciro zose zifite urwego rwo hanze n'urw'imbere. Hanze, urukundo rwitwara gutya kuko hari ukuri kw'imbere kubyara icyo gikorwa cy'urukundo kigaragara hanze. Ibi tubibona mu murongo wa 5, ahavuga hati: "Ntirukora ibiteye isoni." Hanze, urukundo ntabwo rwitwara nabi. Ntiruhutiraho, ruritwararika, kandi rubikora mu buryo bwiza kuko hanze rutishakira ibyarwo."

Dushimire uko kuri kw'imbere, kuko uru rukundo rutoroshye kuruhagurutsa. (5) Ntabwo ruharara, ntabwo rushukwa kuko rutishakira ibyarwo kandi ntabwo rutsimbarara kuko kubona ibintu bikorwa mu buryo bwarwo. Ntabwo byoroshye kurakaza umuntu ukunda kandi utekereza ku bandi. Ibi nibyo bintu

bigaragara hanze by'ukuri ko imbere umuntu atamazwe no kwikunda, kwiyemera, n'imitekerereze ivuga ko bigomba kuba uko mbishaka butaba ibyo, ntihagire ikiba.

Urukundo "ntirutekereza ikibi ku muntu." Iri jambo risobanura ijambo Pawulo yakoresheje risobanuye ngo urukundo ntabwo ruzirikana, cyangwa ngo uru rukundo ntabwo rukomeza kwibuka ibibi by'uwo rukunda. Mbese ukomeza kwibuka ibibi uwo mwashakanye yagukoreye? Niba ubikora, ibyo ntabwo biterwa n'urukundo rw'Umwami ruri mu mutima wawe. Igituma uru rukundo hanze rudakomeza kwibuka ibyarukorewe ni uko imbere "rutishimira ibibi." Ibi bivuze ko umuntu ukundisha uru rukundo rwa Kristo atishima iyo uwo rukunda ananiwe. Iyo uwo akunda ananiwe, ukunda arababara. Ntabwo aba ashaka ko uwo akunda ananirwa. Imbere ashimishwa n'uko uwo akunda akoze cyangwa geze ku kintu cyiza. Iki ni cyo "kwishimira ukuri" bivuze. Kwishima iyo ukuri kuganje mu buzima bw'uwo ukunda ni igikorwa kigaragaza urukundo rwa Kristo.

Umurongo wa 7 utubwira ko "rubabarira byose, rwizera byose, rwiringira byose kandi rwihanganira byose." Iyo ukundwa ananiwe cyangwa agize icyo akora kidakwiriye, ukunda arabiceceka. Iki ni cyo "rwihanganira byose" bivuze. Urukundo rufite kwizera ko kubona no kwemera ubushobozi bw'uwo rukunda. Ibi bigirira neza cyane abantu!

Nkiri ingimbi nta bushobozi bwinshi mfite, umushumba wange yankoreye ibi kandi byaramfashije cyane. Yajyaga avuga ati, "Nkwemera wese." Icyo gihe ntabwo nabikoraga kandi nta n'undi muntu nari nzi wabikoraga. Byari byiza cyane kuri jye kubona yarabikoraga. Nabanje gutekereza ko akina, ariko ntabwo yakinaga. Yaranyizeraga by'ukuri. "Yizeraga byose."

Kuko urukundo rugira kwizera ko kureba ubushobozi buri mu wundi muntu, rwiringira byose, bivuze ko rutegereza rwishimye kubona gusohozwa rw'icyo rubona ndetse rwizera. Hanyuma rurimo kwizera no gutegereza gusohora kw'ibyo areba mu muntu ukundwa, rwihanganira byose. Rwakwihanganira ibintu byose. Ijambo rw'Ikigiriki rikoreshwa muri iki cyanditswe rivuze ngo, "Kwihangan wizeye kandi utegereza." Ibi byose bigaragazwa hanze kuko imbere umukunzi aba afite gushiramanga kwejejwe. Gushiramanga kwe ntabwo kuba mu muntu akunda kuruta uko kuri mu cyo yizera ko Kristo yakora muri we, yamukoresha ndetse yanakorera muri uwo akunda.

Icya nyuma, Pawulo atwemeza ko "urukunda rutazashira."

Tunanirwa gukunda, ariko urukundo ntabwo rushira. Ukunda amenya ko urukundo akundisha rutazigera rushira cyangwa rucika intege cyangwa ngo runanirwe gukora mu muntu rukunda. Mu yandi magambo, ukunda yabwira uwo akunda ati, "Nta kintu wavuga cyangwa wakora cyatuma ndekera aho kugukunda, kuko ngukundisha urukundo rwa Kristo kandi urwo rukundo rurakomeye. Rwihanganira byose."

Ukoresheje iza ndangagaciro cumi n'eshanu, reba uwo mwashakanye maze ubaze uti, "Iyo mvuze ko mukunda (uwo mwashakanye), mba nshatse kuvuga iki?" Iyo Umwuka Wera ari muri wowe, uba ufite ubushobozi bwo gukundisha uwo mwashakanye izi ndangagaciro. Izi nizo mbaraga Imana yaremye kugira ngo ziteze imbere ubumwe bw'abantu babiri bari mu rushako Imana yari ifite ku mutima wayo ubwo yaremaga Adamu ari umugabo n'umugore. Ahatari izi mbaraga, ubumwe bwanyu aba ari igice cy'Umwuka w'itegeko ry'urushako n'umuryango, Ariko, iyo ufite izi mbaraga ku bw'ubuntu bw'Imana, uba ufite izi mbaraga, urwo rukundo rwahindura ubumwe bwanyu icyo Imana ishaka ko ruba.